

# KANGURA

## IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

N°

10 FR.

KA02 1319

### MINISITIRI WIMARI N'UBUKUNGU AGOMBA KWEGURA


UBUMWE BW'ABAHUTU NIYO MIZERO YABO.

M.R.N.D. igambanirwa uko bwije  
uko bukeye !!!

AHO BIGEZE ABO KAMEYA  
YITA ABAKIGA BATEYE  
AGAHINDA

UBUYOHZO BWA KANGURA BURAMENYESHA ABASOMIYI BAYO KO KANGURA N° 15  
MEASOHOTSE KUBERA IBBAZO BYA POLITIKE ABAFASHI ITABUGIZUTURABASABA KO  
BATWIBANGANIRA, IYO SONERO TUZABARHIA KI BERYO TUZABA TWIMVIRANYIHO.

KANGURA  
N° 15  
YAHAMBWE  
UBUTAZAZUKA



Muri numero 17  
tuzabagezaho dosive  
yerekeranye n'imiterere  
mibi va OVIBAR.

N° 16

## EDITORIAL

KA021320

# IBARWA GISENYI – INFORMATION YANDIKIYE PEREZIDA WA REPUBLIKA.

*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,*

*Nyuma ya Kongre ya Mbere Idasanzwe ya M.R.N.D. yashyigikiye kandi igahamya icyifuzo cy'uko Ighugu cyacu cyagendera kuri Politiki y'Amashyaka menshi, twebwe abagize «Groupe GISENYI-INFORMATION» bakora umwuga w'itangazamakuru, hari amagambo twisuza kubagezaho tubikuye ku mutima. Turibanda ku bibazo bya Politiki n'iby'Ubukungu.*

*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, abenshi twanvuzwe n'ibikubiye mu ijambo mwagejeje ku banyarwanda twese mutangiza iyo Kongre. Keretse bake na none umuntu yakwita ba «Ntamuza». Ririya jambo ryongeye guha imbaraga imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda (la majorité), riyha icyizere, ariko nanone rihumuriza abake mu bwinshi (la minorité), kuko ritigeze ribaha akato. Twarabibashimiye, ahasigaye ariko ni aho guhuza invugo n'ingiro.*

*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, abenshi barisuza ko mwavugurura vuba abari mu nzego za Politiki (Komite-Nyobozi ya M.R.N.D.), n'abari mu nzego z'ubutegetsi, izo nzego mukaziha umurego mushya, mukazihuzan'ibibihe bikomeye turimo by'intambara y'amamasu, iy'amashyaka menshi ya Politiki, n'iby'ubukungu bwifashe nabi.*

*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mbere yo kugera ku bibazo by'ubukungu, turabasaba kuzashishoza mu gushyiraho Minisitiri w'Intebe. Azabe rwose ari umugabo ushobora konyura rubanda, umugabo w'inanganugayo, utari n'inkotanyi, kandi utameze nka bariya bakomeje kugaburira ibyitso by'inkotanyi byafunguwe, mu gihe abazahajwe n'intambara banywa amazi bakaryama. Ngo abo bamerwe bagendera mu*

*mavatiri agezweho bahembwa ibihumbi cumi buri kwezi !*

*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mu by'ubukungu turisuza ko ibya rubanda bvarushaho gucungwa neza, iriya mfashanyo n'impano duherutse guhabwa n'ibihugu by'inshuti n'imiryango mpuzamahanga ntivongere kubitswa ibisambo kandi birahari. Uwahakana ko ibisahiranda bidahari, vasobanuza neza amarenga ari mu «SIHA RUSAHUZI» muri «BANGAHEZA» n'ahandi hensi!*

*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, umusanu ngobokagihugu cyane cyane muri ibi bihe by'intambara, nta n'umwe uwurwanya, ariko kandi abakozi bakwiriye kubanza kubazwa icyo babitekerezaho mbere y'uko bagushwaho akandare k'imbare (8%), kandi hari n'ahandi dushobora gushakishiriza mbere yo gutekereza agashahara k'abakozi katica ntigakize. Abategetsi bo hejuru nibahare ibyo bagenerwa, Leta nireke gukodesha amazu ikorere mu yayo, imodoka za Leta niz'ekunywa Lisansi nk'izinywa Sebeya. Izo ni ingero, hari n'ahandi.*

*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, GISENYI-INFORMATION irabashyigikiye, kandi ntizatezuka ku ntego yayo yo kubagezaho iriyiniga mu gihe cyose rigamiye kugira icyo ryungura rubanda nyamwinshi.*

*Murwanashyaka Perezida wa Repubulika, twebwe tumaze gusesengura ibyabereye mu Rwanda mu mins'i ishize, turasanga bariya bashinzwe kuneka, hari byinshi batababwira. None se kuki batarashyira ahagaragara abarashe mu ijoro ryo ku itariki ya kane rishyira iya gatanu z'ukwa cumi?*

*None rero ibyegera byawe tuzabitangariza rubanda vuba aha. Namwe noneho muzabona ko biriya byegera byanyu bisaziye mu myanya, ko hari byinshi bibahisha cyangwa se birwanaho.*

*Ese ibivugwa n'ibinyamakuru ku rupfu rwa MAYUYA, aho abashinzwe kubasomera ibyandikwa muri ibyo binyamakuru hari icyo baba babibabwiraho? Ese biriya byegera byanyu bitarashyira ahagaragara urupfu rwa MAYUYA, aho koko ni shyasha? Kubera ko iyo twatangaje inkuru ikomeye duhura n'ingorane ndetse ko hari ubwo hoherewa abantu ngo badutsinde aho batuboneye hose, twabasabaga ko tutazazira ukuri tugiye kuzatangaza kuri biriya bibazo byose twavuze. Sinarangiza ntabamenyesheje ko Ibiro by'Iperereza biyobowe n'uwiwa Donati, ntacyo bizatugobokaho, haba ku mulekano wanyu cyangwa se ku w'Ighugu. Dore zimwe mu ngero z'ibikorwa bibi by'ibyo biro:*

*Inyandiko mumaze iminsi musoma mubinayamakuru: IJAMBO, UMURANGA, muziko ziri ya nyandiko ziba zakozwe n'Ibiro by'Iperereza biyobowe na Donati? Dore hari agatsiko ka ba maneko bivemeje kuzambya biriya biro. Impamvu mvuze ko bivemeje kuzambya ni uko biriya bisobanuro basohora mu binyamakuru bifite ukuri bagombye kubibashyikiriza, kuko ari mwe bayobozi b'ikirenga b'ibyo biro.*

*Ese ko Ibiro by'Iperereza byagombye gukorera mu ibanga, none bikaba bigaragara ko nta banga ribiranga, habuze iki ngo abo banzi b'Ighugu bakinekera amabanga bashyikirizwe ubucamanza? Ese kumena amabanga y'Ighugu nta cyaha kikrimo?*

*Reka tubagezeho ibyanditswe na SEMUSAMBI ku rupfu rwa Koloneli MAYUYA:*

## DUKOSORE.

KANGURA

## URUJIJO KU BISHE MAYUYA

Umwe mu bafunguwe witwa Mpitabakana Tomasi wari umusirikare, we aragira ati: «Nafunzwe ku itariki ya 15/3/1988 mfungirwa mu kasho ko mu kigo cy'i Kanombe, ninjira muri Gereza ku itariki ya 6 y'ukwezi kwa kane 1988, banshinja ngo navuze ko hari umutegetsi wa gurishije amazu, ngo hari n'umukobwa w'umuntu ukomeye watwaye inda.

Nemera ko ibyo bintu nanje nabiyumvise, ariko nkaba atari njye wabivuze, ntazi n'umuntu wabihimbye. Batuzana muri Etat-Major badutarira ku mashanyarazi, turi 3. Umwe mu bo twari kumwe, agiye kunogoka bahita bamujvana kwa muganga, avurwa na Dogiteri Major BARANSARITSE. N'abasirikare b'i Kanombe barabizi ko bamushiririje ku mashyanyarazi si ibyo mpimba.

Aho mariye kugera muri gereza ku itariki ya 19/4/88, Koloneri MAYUYA baramwica. Perezida wa Repubulika ashiraho komisiyo yo gukora anketi, igizwe na Porokireri Jenerali NKUBITO, Liyetona Koloneri NSENGIYUMVA, Liyetona Koloneri HAKIZIMANA na Maneko NZARAMBA.

Ubwo babaye nk'abampindurira idosiye, barambwira ngo ibyuko hari umutegetsi wagurishije amazu ye, n'iby'umukobwa waba yaratwave inda, ngo nzavuge ko ari Major HAVUGINTORE wambwiye ayo magambo, ngo njye ngenda nyakwiza mu bantu. Abagize Komisiyo bose nabo bambwiraga ngo nzavuge ntyo.

Naho kuri Liyetona Koloneri NDIBWAMI, bakambwirango nzavuge ko ari we wagendaga akoresha amanama yo gukora Coup d'Etat, ngo hamwe na HABIYAMBERE Yozefu, we ngo mvuge ko ari we wagendaga akoresha amanama. Kandi ngo nzavuge ko ayo manama yaberaga kwa HARERIMANA Eliyazari, no muri Bar Supper Lago no ku Gisenyi.

Barabinyigisha ngo mbifate mu mutwe, maze kubifata banyemerera kuzampa amafaranga ibihumbi 2 byo kuntunga (muri gereza) buri cyumweru.

Banyemerera ko bazampa n'andi miliyon i imwe urubanza rurangiye kubashinja mu rukiko.

Aho muri gereza barampama-garaga nkajya hanze, bakampa inzoga igihe nyishakiye. Naryaga nk'abo hanze, kuko i Kigali nirwanagaho ngatumiza ibribwa nshaka muri ya mafaranga 2.000 bampaga buri cyumweru.

I Gitarama ho barampahiraga. Amafaranga barayazanaga, bakayaha Diregiteri wa gereza akandikwa mu ikaye nari msite, noneho nkajya mvuga ibribwa nifusa, akaba ari byo bagura.

Abo bari bambwiye ngomba gushinja ibyo bintu by'ibihimbano. Liyetona Koloneri NDIBWAMI, Liyetona Koloneri NKURIYEKUBONA, Koloneri NSHIZIRUNGU, Liyetona Koloneri MUBERUKA, Liyetona Koloneri NSABIMANA, Liyetona Koloneri UWIHOREYE, Liyetona Koloneri NGAYINTEGRANYA, Liyetona Koloneri GAHIMANO, Major SETAKO, Major HAVUGINTORE, ba Komanda MURINDAHABI, NDAMAGE na NIYONSABA, Liyetona NSABIMANA, abo ni abasirikare. Naho abasiviri ni MFIZI Kristofori, HABIYAMBERE Yozefu, SIBOMANA Yozefu wahoze ayobora SONARWA, akaba yaritabye Imana, GATARAMA Alufonsi, NYUNGURA Emili, HARERIMANA Eliyazari, MUNYARUKIKO wahoze ayobora BRD, MUSONI Tadeyo mwene NDAMAGE na MUGEMA Romuwaridi. Abo ni bo bavugaga ngo nzabashinje byabindi banyigishije nkabifata mu mutwe, mvuge ko ari bo bicishije MAYUYA bashaka guhirika ubutegetsi.

Abo bashoboye gufunga ni NDIBWAMI, HAVUGINTORE na NKURIYEKUBONA. Abo narabashinje nk'uko babimbwiye.

Ubwo nanje nari nkiri i Kigali, aho ngereye i Gitarama ndareba, nsanga ibyo nakoze atari byo, mpita na ndikira Perezida wa Repubulika n'Abasenyeri bose baba Abagatorika n'ab'Abaporo, na Ambasaderi w'u Bubiligi.

Perezida wa Repubulika yahise anyohereze umuntu ndabimubwira byose. Nari nanditse ku itariki ya 23/11/1989, umuntu Perezida amwohereza ku itariki ya 8/12/1989. Namaze kubimutekerereza byose aragenda, nta kindi gisubizo nabonye, uretse kuvuga ngo nidutahe, tukaba twarafunguwe ku itariki ya 5/4/1991.

Ku itariki ya 4/4/1990 Komisiyo yaje kumenya ko nandikiye Umukuru w'Ighugu n'Abasenyeri, iza kumbazi i Gitarama ngo kuki wisubiye ukaba waraduhemukiye? Ngo ninongere nandikire. Perezida wa Repubulika mubwire ko ibyo namwandikiye mbere ari ukubeshya. Barambaza kandi ngo kuki wanditse uvuga ngo abo wandikiye bazaguishire, ngo Komisiyo ibimenye yakwica, ngo n'abatari wowe barapfa, wabivugiyi iki, ko dushatse kukwica nta n'isaha byadutwara? Bamaze kumbwira ngo nandikire Umukuru w'Ighugu nivuguruza, narabihoreye baragenda. Baravuze ngo 'dore tuje kumanywa nta n'ukuriye urwara, none turigendeye. Amafaranga bampaga yatangwaga na NDUWAYEZU, kuko hari igihe yabaga ataje, bakambwira ngo igituma ntayabonye ni uko NDUWAYEZUatarahari.

Igituma nje kubyandikisha mu MURANGA, ni uko ngira ngo bimenyekane hatazagira n'abandi bazagira uwo boshya guhimbira abandi bagamije kwikiza abo badashaka.

Ikindi kandi ni ukugira ngo nishingane, abari bari muri iyo Komisiyo batazangambanira bakantsinda hanze.

Ngitangira gushinja Major HAVUGINTORE, byaramutunguye arumirwa, ati: «Uriya muntu si muzima agomba kuba yarasaze». Bajya kuzana Muganga MUREMYANGANGO aransuzuma, ati: «Umuntu ni muzima». Hari ku itariki ya 21/1/1989.

Ibi rero mvuze mbifitiye bimenyetson'abagabo, ku buryo hagize n'ushaka kurega nakomeza nkabyemeza».

Uyu MPITABAKANA Tomasi, akaba yari umusirikare i Kanombe mu kigo cyategekwaga na MAYUYA, akaba akomoka muri Komini Kayove.

KA021322

## MINIJUST

Nyakubahwa Ministri w'Ubutabera,

Hashize iminsi mike, u Rwanda rubizeye, bitewe n'icyizere rubafitiye. Kandi koko, nibyo. None se umuntu waruhagarariye mu Muryango w'Ubumwe bw'Afurika nta munya, nta kwinuba, nta kuganda, nta kudukoza isoni, nta kudusuzuguza, kumushinga ibirebana n'ubutabera, hari igisebo kirimo? Uwavuga ko kirimo ya bigaragaza.

Milita NSANZIMANA mu gihe turi kumwe niye ndakumenyesha ko mugihé gito umaze usite ubutabera mu ntoki, habaye bvinshi: ibiboneka n'ibitabonéka. Icyakora, iyo umuntu agize amahirwe hakagira ibiboneka, ça va! Kuko iryabonetse ntiriba rikishe isuka. Abakurambere bati: «Umugabo Ntabwirwa yaragiye intare ayita intama». Imwivuganye, ati: «Ntabawe na nde?» Ni nde wamutabaye? Intare yaramwivuganye da!

Bamwe bati: «Uriya Muzehe, ubwo yari adasanzwe ino, ntituzi ko azamenya ibyacu»! Nawe uti: «Sinigeze mpaka, sinzahaka, kandi sinzahakwa!» Yee. Koko ubuhake bwaraciwe, nta n'uzabugarura mu ban yarwanda. Ntitwabyemera. Umugabo umwe aherutse kuvuga ko imitwe y'abanyarwanda yashyushye. Ni ukuri, ubu twarahagurutse, nta we ugisinzira. Uko kudasinzira rero, gutuma twese tureba, «Ntacyo watubeshya!». Kuba twarameze amenyo, ntiwaba utabizi. Attention! Ne provoquez pas notre tension! Mu gihe abari batakuzi tukikwiga, reka dukore étude neza.

Nyamara! Twakwiga twagira dute, umenye ko Ministeri yave yaba yararangije amadosiye amwe, igasiga andi, kandi ubwo ayo asigaye, atari yo yari agoye kurangiza. Iyo umuntu yitegeree, asanga ibikorwa byawé bikabya mu kutareba kure cyane. Kumenya ko muri Droits de l'homme, hatarimo izabamwe (Minorité), ngo iz'abandi (Majorité) zikabura. None se niko mwabyize?

Ibyo mbivugiye iki? Ibyo mbivugiye ko uburenganzira bw'ikiremwanantu nzi ko

hatabuzemo démocratie, iyo démocratie kandi ikaba igomba gushingira kuri «la loide la majorité» ni ukuvuga icyubahiro n'ububasha n'ubushobozi bigomba guhabwa ubwigazze bwa benshi. Fata rero amadosiye yawe, urebe. Baragu-kemanga mu mikorere yawe, kuko uroye ntibaba bakwita Ministre w'Abatusti gusa batabiteye imboni.

Reka nongere ngusubirire mu rugero rugaragaza iyo ngingo. Mu nimero vacu y'ubushize, uribuka ko twabaye nk'abaghishurira — ibyo uzi! — ko muri 1930 hasigayemo a bahutu n'abasirikare gusa. None se koko? Iyo koko umwana wawe agukoshereje, ayo makosa ariko akaba uruhare runini rwayo rwarakoze n'undi muntu mutanasangiye ubwoko! nyuma, ukaza ukareba «ugashishoza». Ubwo koko, urumva bya kigabo, ushobora guhanagura icyaha kuri uwo muntu utanazi, kandi bigaragaraho ko ariwe nyirabayazana, n'umwicanyi, n'umugome, n'uwaluruye ayo makosa yose, hanyuma umwana wawe agakomeza kuborera ku ngoyi? Waba ubundi uri umubyeyi gito.

Ubwo rero, amadosiye y'abatutsi, bari bagambiriye kutumara, arabenetse, arizwe, usanze ari abere. Abandi se bo? Umenye ko hari n'abandi bantu NKUBITO yari yagiye afungira ubusa, cyangwa se akaba yarazinzitsedosiye zabo. Izo nzira karengane se, aho waba wi'buka kuzitekereza?

Ejobundi rero, bwa mbere mu mateka y'u Rwanda, abagororwa bararakaye. Ese waba uzi impamu habaye révolte, ko twumvise mwaravuze impamu zimeze nk'aho zitariho? Ubu se, prison yashoboye kugaburira inkotanyi zose, zamaze gufungurwa, abasigayemo baba ibisambo kabuhariwe, bafite inda nini, ku buryo byarwanira ibiryo!

Kuvugisha ukuri niyo nkingi ya démocratie! Mu ma nomero yacu y'ubushize, harimo inyandiko ivuga ko muri iki gihe twitegura gushimangira demokarasi dukesha Revolisiyo yo muri 59, abantu bibaza niba abanyarwanda bakira ingeso

mbi yo kutavugisha ukuri. Iyo ngeso twaisigiwe n'ingoma ya cyami, kugeza n'ubu ntiracika burundi. Ndakubwira n'ibyo numva, mbona, kandi mbona bikwiye gukosorwa, bitaba ibyo, ari ubutabera, ari n'ubucamanza byasigara ari imbuzakurahira!

Icyo Abanyarwanda twese dushaka, ni ubutabera, butarenganya bamwe ngo burenganure abandi. Nyakubahwa Minisitiri, sinarangiza ntabisurije kurangiza ibyo A banyarwanda nyamwinshi babasaba. Muribuka na none ko abantu bandikiye ka kanama kari gashinze gukusanya ibitekerezo remezo tuzashingiraho muri politiki y'amashyaka menshi, bifuje ko mu bucamanza hakorwa ibi bikurikira:

- Gushyiraho urukiko rw'ikirenga ruijanye n'igihe tugezem;
- Hakwiye itegeko rusange ku bantu bose bakora mu nkiko;
- Perezida w'urukiko rw'ikirenga yashyirwaho na Perezida wa Repubulika, kuri lisiti y'abantu batatu batanzwe n'inama nkuru y'ubucamanza;

Bwana Ministri w'Ubucamanza, kuba abahutu bose bavugako uri igikoresho cy'abatutsi ntawabitindaho kuko wa bigaragaje, uharanira uburenganzira bw'«Ikiremwa Nkotanyi». Ese ubundi bene kugushinga uriya mwanya bo biyibagije ko mbere yo gutera babanje kugura Imiryango Mpuzamahanga ngo nibizakomera bazazikuzanire? Gusa icyo dutegereje ni ukumenya niba uzajya mu ishyaka rya F.P.R. Abayoboke baryo wagiriye neza cyangwa M.R.N.D. yaguhaye umugati kumbehe nziza, cyangwa se ukajya muri M.D.R. kudufasha gutsembe inyoko tutsi. Gusa twebwe abagize ibiro ntaramakuru Gisenyi-INFO tugiye kuzashyira ahazagaragara ibimenyetso bya ziriya nkotanyi wakomeje kwita ko ari a bere maze ugahitamo kubasuzuguza bene Gahutu. Ese nitukwereka ibimenyetso byabo simusiga uzabasubiza muri Gereza cyangwa se uzongere ushake ikindi utubeshya.

Rédaction.

## MINISITIRI WIMARI N'UBUKUNGU AGOMBA KWEGURA

Yarabanje mu kwakira ati «ifaranga ry'u Rwanda risubijwe agaciro karvo». Ari byo kuvuga ngo riciriwe urubanza kuko rvari riraho risahura umutungo w'ayandi mafaranga none bakaba baritahuye muri ubwo bujura. Aba rero ahamije ubujura u Rwanda rwose. Nyamara abazi iby'imibare bavuga batu ifaranga ntirvasubijwe agaciro a hubwo ryaragabaniwe kugira ngo rishobore guhangana n'ibiciro amahanga aha ibicuruzwa byacu byoherezwa mu masoko mpuza-mahanga bikomeza kugenda bigabanuka.

Mu gushyiraho ibiciro bva lisansi akuba kabiri kandi vari yatwemeje ko ifaranga ryagabaniweho mirongo ine ku ijana. Ubwo rero lisansi yari kugura amafaranga 95 kuri litiro. Atubwira ko ari ukubera ko ibiciro byivongereye kubera intambara ya Irak na Koweti kandi mu bv'ukuri si ho tuyikura. Aho twavikuraga yakomeje kuza uretse ko igiciro evivongeye gato mu gihe kitarenze ukwezi kumwe kandi ntighagije kugira ngo kuri twe ibe yivongereveho amafaranga arenze atanu.

Muri uko guha agaciro ifaranga rvacu ati deteyesi (DTS) ivuye ku mafaranga 170, aba araduhanikiye mu mibare, abize mike turatakara. Bamwe batu dusiteintitizibiturebera, abandi batu ese byaba bva bindi bisanzwe twaba tugana he! Bamwe ndetse batangira kugereranya iryo faranga rishya na pirimusi ihindura igiciro bitewe n'uko Minisitiri varamutse. Dore konko muri 1990 yahinduye kane kose n'Intumwa za rubanda zikabitora zitazuyaje.

Ejobundi tariki ya 25 Mata akoranya abahagarariye abakozi ba za Minisiteri, ibigo bva Leta n'ibigo bva Leta n'ibigo byigenga ni ukuvuga abagize za komite za selire, ati muze mbatume ku bakozi bandi, mubasobanurile ko nafashe imigambi yo gukata imishahara yanyu. Yatangiye avuga ko imishahara yose izakatwaho 8 ku ijana, kandi inyongera ya 4 ku ijana nayo igahabwa Leta. Ndetsse n'aho batakiytanga kubera amikoro make y'ibigo bimwe na bimwe, akagomba

gushakwa agatangwa, kabone n'yo ikigo cyaba kiri hafi gufunga. Abahagarariye abakozi bakoze uko bashoboye kugira ngo bumvishe Minisitiri ko abakozi batunzwe n'umushahara bamerewe nabi cyane. Dore nko kuva muri 1982 imishahara ntiyigeze yongerwa, kandi uko bisanzwe ifaranga rita agaciro byibuze ka 2.5 ku ijana buri mwaka (taux annuel de dépréciation de la monnaie). Ibyo bivuga ko n'yo ifaranga rvacu ridasubizwa agaciro karyo umwaka ushize wa 1990, ubu muri 1991 riba ryarataye agaciro ka 25 ku ijana urigereranie no muri 1982. Ubiteranie rero ubu ryataye 65 ku ijana, aribyo kuvuga ko amafaranga ibihumbi icumi byo muri 1991 ahwanye n'ibihumbi bitatu na magana atanu yo muri 1982. Ubwo rero umukozi Wongeye kumukata 12 ku ijana, umushahara we uzaba ugabanutseho 77 ku ijana, aribyo kuvuga ko umukozi uhembwa amafaranga ibihumbi icumi muri 1991 ahwanye n'uwahembwaga ibihumbi bibiri na magana atatu (2.300 Frw) muri 1982. Kandi ku isoko ibiciro byakubye i neuro zirenze ebyiri; i kiro cyibishyimbo cyaguraga amafaranga 20 i Kigali muri 1982 ubu kigura 65 Frw ku mwero, naho icyinyama cyaguraga amafaranga 120 ubu kigura 250 Frw.

Minisitiri ibyo ntiyashatse kubyumva, ngo ntakundi byagenda ngo kugira ngo Leta izibe icyuho kiri mu isanduku yayo. Abahagarariye abakozi bagerageje kwerekana aho Leta yashakiriza amafaranga, arikor u waggeragezaga gutunga agatoki. Minisitiri akabangura umupanga kugatema. Ndetsse urebye ukuntu yasubizanye umujinya Milita Kimenyi wari ubajije niba hari imigambi Leta iteganya kugira ngo abasahuye umutungo wayo bawujyana mu mabanki yo mu mahanga bawugarure, wagira ngo hari icyo bapfa ku giti cyabo. Minisitiri yasubije arakaye cyane kandi atsemba ko ibyo bintu bitigeze bibaho, ko amafaranga y'ighugu abikwa mu mitamenwa.

Abahagarariye abakozi ntibacitse intege, bakomeje berekana ko

umutungo wa Leta hari aho udacungwa neza. Urugero: nko ku bategetsi bakomeye. Nawe se uhaye umuntu inzu nziza, ushyizemo intebi, ibitanda byo kuryamaho n'amagodora yabyo, n'amashyiga yo gukekaho, n'amafuru yo gukomeza gushyushya, n'amafirigo yo gukonjesha, umuhaye ababoyi, abayaya, abazamu n'abanyabusitani, umuhaye imodoka eshatu n'abashoferi bazo, ugahindukira ukamwishyurira lisansi, amazi, umuriro na telefoni igeza ku Gisenyi n'i Mombasa n'i Bulavi, wahindukira uti bakozi nimwigomwe kuri ya serumu yanyu kubera ko umutungo wa Leta wajemo icyuho! Ese ko i Bulavi badutanze amajyambere kandi baturusha gukira koko, Minisitiri aba atuye mu igorofa nk'rya 25 hamwe n'abandi basanzwe, umunyabusitani yamumarira iki?

Nababajwe cyane arikor n'igisubizo evahawe uwari uhagarariye abakozi ba UTEXRWA. Yarihoreve ati: «Bwana Minisitiri, twe turi mu kaga gakomeye, ahubwo ni uko umukoresha wacu vatwifashetho kibyevi koko». Yaragize ati aho kugira ngo nirukane abakozi nsigarane bake, namwe murareba ibihe uko byifashe, muzajya mukora iminsi cumi n'itanu gusa, bityo musaranganve, n'ubwo ntawe uzarara yijuse, arikor hatazagira unogorwa n'inzara. Ati Bwana Minisitiri, bazakata kuri ubwo busabusa tubeho dute ko n'ubundi twabagaho ku busindo? Minisitiri yaramusubije ngo niko bimeze, ngo na we ntazakata ku mushahara w'ukwezi kwose azakata ku wiyo minsi cumi n'itanu. Ndamutse mbeshya Radiyo yafataga amajwi, yanyomoza. Ndetsse hari n'abandi banyamakuru barivumvive.

Havuzwe byinshi arikor Minisitiri agasa n'aho ataje kumva ibibazo, ahubwo yaje kuvuga amahame. Harya ngo mu Rwanda nta mutegetsi wegura, ngo n'yo yaba na we abyibonera ko ibihe byamurenze? None se ko Minisitiri ashinzwe gusobanurira rubanda no kumva ibibazo byabo, iyo bimunaniye ntiyari akwiriye gushyira mu gaciro, ntacgerezre ko akaruru karinda kugera kuri Perezida wa Republik?

## U RWANDA RWIGENGA RUKENEYE UBUMWE N'UBWIYUNGE BW'ABAHUTU BARUTUYE.

Ibihe tugezemo bidusa ba kurushaho kuzirikana ku mibereho ya bene wacu, n'imibereho y'abuzukuru n'abuzukuruza bacu mu myaka iri imbere. Inkotanyi zaratsinzwe ariko ntizishobora kubyihanganira, ni nayo mpamvu ubu zafashe umugambi wo gukoresha ibyitso biri hano mu gihugu kugira ngo bibafashe guhirika M.R.N.D., bishyireho Parmehutu, ariko Parmehutu nimara gutorwa, ngo bazatangira kwisuganya batere noneho igitero simusiga, ngo cyo gukuraho ishyaka «ronda-moko». Ngo kandi Parmehutu kubera ko abazungu bayizi, ngo ntibazazuyaza gutwerera izo nyanga-rwanda no kuzifasha guhirika ubutegetsi mu Rwanda. Maze rero gahutu arabe maso, umugambi ni uwo kunga ubumwe kugira ngo abana ba Gahutu bashobore guhangana n'abo batusti.

### UZAREBA NABI BAZAMU-KURAMO IJISHO.

Abo batustibari hanze aha basigaye bateye ubwoba, utazabitondra bazamuhitana. Ubu iyo bahuye n'umu hutu babyimbya amajigo, bamusanga mu kabare bakamukanurira amaso, we yamasanga aho banywera (yibeshye) bati: «Ntakuvanga ihene n'intama». Aha rero umuntu yakwibaza ati, ese intama ni nde? ihene ni nde? Gahutu amenye ko yatsinze umwanzi, akaba umuntu yamugereranya n'igit batemye, ariko akavura nikagwa kikaba kizashibuka. Kugirango ibishibu byacyo umuntu ashobore kujya abirimburu agomba kuba maso agahora abicunga.

Natwe rero tumenye ko icyo giti gishobora kuba gifite imizi hano iwacu, tugomba rero guhora tukigenzura bitabayc ibyo abana bacu ntibaza-hanganira nacyo.

### ABAHUTU BAGOMBA KWIBUMBIRA MU MUTWE UMWE W'ISHYAKA NIBA BASHAKA GUKOMEZA KUBA MURI REPUBLIKA.

Ibihe turimo byatweretse byinshi, ariko benshi mu bahutu ntibarahanuka ngo bamenye koko iyo bijya, cyanga se iyo biherereye. Nawe se urabona bahutu batangiye kwicamo uduce, ngo baratwanira amashyaka, ariko bakiyibagiza ko FPR itava ku izima. Ubwo se barabona ko bitabagirira akamaro abo muri M.R.N.D. na FPR bagize ishyaka rimwe, rirengera rubanda nyamwinshi? Nyamara abashaka kuducamo uduce bakwiye kwhiana, bakarebera hamwe uko abahutu bose bahrira hamwe! Mbese mwigeze mubona muri uru Rwanda aho abatutsi baryana? Barasangira, barasekerana niyo bataziranye, ariko uwaroze abahutu koko ngo ntiyakarabye! Nije mbona ubumwe, n'ubwiyunge bw'bahutu bose ari ngombwa, naho niba bitabaye, muzirebera inkurikizi yabyo.

### UMUHUTU NTACYO APFA N'UMUTUTSI, ARIKO ...

Abatutsi badusanze mu Rwanda, baradupinagaza, turabyihanganira, none kubona twari twaravuye mu buhake bakaba bashaka kujya batubyukiriza ku kiboko ndumva nta muhutu n'umwe wabyihanganira, kandi niba Gahutu arwana intambara yo guhashya umwanzi, ni ngombwa, kubera ko agomba kurwanirira Repubulika, kandi abahutu bose bakamenya ko ba Gashakabuhake nibagera i Rwanda batazajogora abahutu ba ruguru cyangwa se b'epfo, ahubwo bamenyeko akabo bose kazaba, kashobotse. Maze rero bene gahutu,

murebe uko mwakwikosora muhurize hamwe ibitekerezo mwubakire hamwe urwababyaye kandi mumenye ko abana banyu, a buzukuru n'abuzukuruza banyu arimwe bakesha ubuzima bwiza.

### BAGOMBA KWEMERA ABAHUTU BAKABATEGEKA.

Twese tuzi ko ubu abatutsi benshi babababaye kubona bene wabo batsindwa, ariko benshi bavuga ko urugamba rugikomeza. Ntabwo navuga ko bafite ukuri, ariko uwategetse cyami ntashobora kubireka, muzabarize hose, muzasanga ibantu byo guhaka bidashobora kuva mu maraso ya ba nyirabyo. Sinshobora rero kwiyumvisha ukuntu umuntu wishakira ubutegetsi bwa cyami bamushyira mu butegetsi bwa Repubulika adashyigikiye ngo ako kazi azagakorana umurava? Ahubwo aho kugira icyo akorera iyo Repubulika atemera, we azakora uko ashoboye abizambye kugirango bene wabo bazagire aho bahera banenga ubutegetsi.

Ibi mbivugye impamvu nyinshi, urebye neza, usanga ubwo bwoko butishimira cyane iyo myanya bubona kandi nije nkabona ko atari byiza gefata abantu batsinzwe mu matora bakabaha imyanya mu butegetsi bwa Repubulika kandi baburwanya. Bo bashaka ingoma ya cyami, nibategereze nibabigeraho nabo bazategeke, ariko niba batarabigeraho nibemere, bategekwe n'abahutu, kandi abahutu ntabwo bazabahutaza, cyangwa se ngo baryamirwe. Ndemeza ko babahaye umwanya bakwiye, agasuzuguro kabo kagabanyuka.

**KA02 1325****KA02 1325**

## BAGOMBA KUGIRA ISHYAKA RYABO BIHARIYE

Ibihe tugezemo biratugaragariza ko inyenzi (bene wabo w'abatutsi) ari ubwoko budashobora kwihanganira gahutu mu Rwanda, none ukaba usanga intambara itazarangira vuba. Ngirango abasore b'abahutu basite imyaka 18 kera bumvaga ababyeyi babo babasobanurira ubugome bw'inzenzi bakabyita amakabya nkuru, none kuva ku mwana ugitangira ikiburamwaka azi inyenzi icyo ari cyo, kandi we aziko inkotanyi ari abatutsi, ibi rero kuzabikura mu mitwe vabo ntbyoroshye. Ikindi giteye ubwoba, ni uko insoresore z'intutsi nazo zumvaga bavuga uko inyenzi zitera, nazo ntabwo zabumvaga neza, none ubuzabonye ukuntu bene wabo bagira abahutu, zabonye ukuntu zigomba gutunganya gahutu igihe nikigera, kandi nazo ubuzishaka ubundi buryo tutazi bwo gutsembe bene wacu, ibvo byose bikaba bidusaba kugira ishyaka riturengera, kandi ribishoboye, tuticyemo uduce.

Naho rero kubera ko mu minsi iri imbere abahutu bagifite agahinda kabantu babo, n'abaturanyi babo baguye ku rugamba, kandi bakaba

badashobora guhita bibagirwa ibikorwa bya kijyambere bari bigereyeho bikaba byarasenye n'intambara y'inyenzi, ndetse uretse n'ibyo, wareba umujinya w'abatutsi bari hanze aha, kandi bakaba bawufitiye abahutu, usanga umututsi atagomba kujya mu ishyaka ry'abahutu kubera ko batazaba bamufitiye icyizere gihagije, kandi ntibazabe bavuga rumwe. Uretse n'ibyo ntawashidikanya ko abahutu n'abatutsi basite indi sura kuva aho inyenzi zitereye.

## BAGOMBA GUSABA IMBABAZI, BAKANICUZA ICYO CYAHA IMBERE YIMANA.

Abantu benshi bagomba kumenya ko M.R.N.D. yadukorcye byinshi byiza, kandi abatutsi nibo bagomba kujya bayishimira cyane kubera ko bayiciye inyuma bashaka kuyikubita agafuni mu mutwe, bagasanga yo ihagaze bwuma, agafuni ntabwo kayitsinsuye nkuko babyifuzaga, ahubwo karayikome-rekeje iravirirana, M.R.N.D. nziza yabagiriye imbabazi ariko uzumve bayishimira !

Uretse n'ibyo, ubutegetsi buracyarwaza, bureba niba

bashobora kuva ku izima. Ariko se icyizere ko ari cyose, Perezida ya bahaye imbabazi barang a baranangira, noncho ahubwo ngo bashobora kuba baraguriye abantu bo kutwoherereza amaraso arimo SIDA, bakajya bayatera indembe zacu. Murumva rwose ibyo bintu bitarengeje kamere ! tuributsa ababisinzwe kugenzura bihagije, kubera ko turebye nabi n'abasirikari bacu barwariye mu bitaro bashobora kubavangira amaraso cyangwa se bamwe bakajya babatera amaraso adahuve n'ayo bari basite ...nayo akaba ari amayeri y'umwanzi ashaka guk oresha kugira ngo agarike imbagia!

Ieyizere cy'ubu nicyo gishobora kuturoha, ngo «isoni zirisha uburozi», namwe mube maso, mugenzure ibizungerezi bikora mu bitaro byose byo mu gihugu, kubera ko mushobora kuabyibuka bitagisite ijaruriro. Abantu batari bake bavuga ko ibyo bizungerezi ari byinshi muri MINISANTE kandi ariyo dukesha ubuzima bwiza bw'abaturarwanda.

Intambara iracyakomeza. Mwongere umurava wo guhashya umwanzi.

*Umusomvi wa KANGURA.*

## AMAJYAMBERE MU ITANGAZAMAKURU

Ibiro ntaramakuru byigenga GISENYI-INFORMATION bikorera ku Gisenyi, bishimishijwe no kumenyesha abatuye umujyi wa Gisenyi na Goma ko twabungukiye Radyo izajya ivugira ku murongo wa F.M.

Ivo Radyo, byose bigenze neza yatangira le 1/7/1991. Izajya ivuga

amanywa n'ijoro (24 h/24 h). Izajya itangaza igiswahiri, ikinyarwanda, n'icyongereza, tutaretse igifaransa; tuzatangira dutangaza umuziki ugezweho, amatangazo, twamamaza, gutumira abazashinga amashyaka ngo baze basobanurire rubanda imigambi yabo.

Mbese muri make, Radyo vacu izagendera ku byifuzo by'abayumva. Izohereza amajwi ku burebure bwa kilometero 35 km uvuye aho izakorera muri segiteri Gisenyi. Izina twayiboneye ni «LA VOIX DU PEUPLE». Abashaka ibindi bisobanuro babaza NGEZE Hassan kuri telephone 7 35 86.

## NGIRE ICYO NIBWIRIRA MUVOOMA (M.R.N.D.) YA NONE NIYEJO.

**KUTUMVA NO KUTABONA  
BIMWE, BITUMA ABAYOBOZI  
BAHORA BAGONGANA N'ABO  
BAYOBORA.**

Ntimundambirwe niko kanya mbonye.

MRND Ramba! Iminsi ibaye myinshi tubana, ariko numva iby'amaso yawe n'amati yawe bidakunze gukurikiza icyo watoje abanyarwanda kuva washingwa na Fondateri. Ugira utya rero ukumva ngo Ijisho rya Muvoma rrimo kukureba, wavuga ukumva ngo amatwi vaguteye icyumvirizo, ariko wareba neza, nturabukwe na busa! Nibwo aho ntangiriye guhunyeza no kuzibuka, ngo burya buri wese ari mun Muvoma, kandi ni Ijisho n'amati byavo! Kandi nyamara nibyo. Ubwo numvaga nta muntu ushobora kwanduranya atagara-gaye. Nyamara sinatinze kubona ko bose atari kimwe, ko habonwa Rubanda ikanumvwa na bene inoti bahora bakanuye ngo rubanda itarabukwa! Bakihutira kuyipfukirana mubvo yabonye kandi yumvise, ubwo induru za rubanda ntizikugereho.

Umva re! Hummm!!!

Nibyo, uko imyaka yagendaga ihita nashoboye kubona no kumva amabwiriza Fondateri atanga atariko ashyirishwa mu bikorwa n'abamufasha. Nibwo twagiye twumva ngo udakoze ibi ngo ntawo ari umumilita, ngo arwanya Muvoma. Ndetse hari n'abakura umugabo mu rwe bakamuta ku gasi agata urwe akaba inkoreragahato za bene inoti bakesha kubaho kwa Muvoma, ubwo ugata urwawe ukubaha, ariko ubikorera ijisho kugira ngo bene gushaka amanota bita aya Muvoma bayabone kandi ntibaviremo aho kubera wowe. Hagakorerwa ijisho rero, ari ukubera kurtinya, kuko rikuri

inyuma ryishakira amanota n'ubuhangange mu gihugu. Ubwo rero natwe tukiyemera ngo turi amaso n'amati bya Muvoma, kandi barabimena guje invundo (Bagupfukirana)! Watanga igitekerezo ukurikije uko wumva Fondateri, batu uvu imbehe arazubika. Wagira uti mbona iki, batu have sha, ubwo bakakumvisha ukazapfa utongeye kwipfukura. Maze ugakanura utabona ukabanga amatwi utumva! Mbese uba uri ku munigo w'igitugu cv'abatware!



**Mama Fondateri na Muvooma barengana !**

Fondateri yahimbye Muvooma aviba imigambi ihamye, ugira ngo ndabeshya azafate Manifeste ya MRND, maze atubwire aho imwaye. Uretse ko MRND izongwa n'abo vizera bayitesha abayizera! Kubera rero ko yatumye MRND mu Rwanda hose ndetse no mu mahanga (ku banyarwanda batuyeyo) yagiye vifashisha abo yizeye, buri wese akamuha Manifeste akayitwara mu ikoti, bagera iyo batumwe, batu

Fondateri yaratwizeye, maze bakica agasoz. « Utanyumva ngo anyemere ni umwanzi wa Muvooma ». « Urarwanya Muvooma sha »? Ubwo rero ugatabwa muri yombi! Ukabyitirira Muvooma kubera abategetsi bawe babi. Abantu bagashira n'inzara bakabura ubabika, naho imbereva Fondateri batu ni amahoro. Mu gihugu nyamara kandi imiborogo ari yose, itewe n'uburangare bw'abagiriwe icyizere, maze ibyo byose bigatuma bvitirwa Muvooma. Abo bategetsi rero na nubu

bagikomeza kuduteranya na Muvooma batwima uburenganzira bwacu, ndumva Muvooma yari ikiwiye kubakurikirana mu maguru mashya a bantu batarinuba, maze ngo bahitemo gucika Muvooma bigira mu yandi mashyaka bajyanwe n'uburakari gusa, ari nta kindi kibajanye.

Kandi Muvooma, ibi wibuke ko atari niye ubikubwiye wa mbere. Nyamara abo utegekesha muri iki gihe benshi barakugera amashoka. Ba Burugumesitiri na ba Perefe

## KA02 1327

bigeze intakoreka, ntabwo mari iki  
gihe begombye gukomeza kwitwa ba  
perezida ba Muvoma, kuko ibyo  
badukorera twe ba milita na  
bamilitante turabizi, n'ubwo  
baduhumye amase bakatumena  
namatwi! Kandi amakosa yabo  
gukomeza kukwirirwa.

None rero Muvoma, twese tuzi  
ko wilingira iosi rikakubvam  
umwingo. Kuko ngo abo mwagirije  
levizere, amakosa vabo ni wove na  
Fondaten muzabirvozw! Eh!  
Muzregura muto mu zaho andi  
mashyaka azaba akencye ko  
mugabana nibyo utirize! Shaka ba  
Avoka benshi rero. Naho ubundi  
fa ha ndabwira abijunditse  
Muvoma; ntabwo amakosa  
yabantu yakwirirwa. Muvoma  
cyangwa uwavihanze ngo ni uko  
yabizeye. Kandi namwe kugira ngo  
mube muvuga avo vesce, ni uko  
Muvoma vabahave urubuga namwe  
rero varabizeve none dore nimiwe  
muybereye umwingo. Rwose tube  
abagabo. Sinumva uko Muvoma  
varvozw amakosa yabantu ngo in  
uko ari abakozi bayo. Ahubwo  
mwagombwe kuyifasha mukayi-  
tingira agatoki kuri zirivana takoreka  
zitwaza Muvoma kandi ziyyihabika.

### Muvoma wapfa intorezo ku gakanu!!!

Dore uragerwa intorezo n'abo  
wagushije ivutu hamwe n'abo  
uerutse kwizera batarabona ayabo  
ngo ejo ugiye kuvamo bataragwiza,  
ngo ntibaviramo aho. Dore abantu  
hamaze iminsi bakuburira ko hari  
abo wifikurira ngo bazagukoraho  
muni rubanda, ngo baragushakira  
amaiwi bahonga rubanda. Ibyo  
nubikora uzaba wivemeje icyaha.  
Ubundi muri 75 twakwishimiye hari  
impongano uduhaye? Ubonye  
imyaka utumazemo yose, none ngo  
n'ujya kwivamamaya nawe  
uzaduhonge tubone kugutora!  
Noneho rero waba utakitzera  
bigeze aho kuduhonga? Erega  
wikangwa n'urusaku two mu mijyi,  
naho mu cyaro turagukunda, kandi  
nitwe benshi. Ahubwo irinde abo ba  
kidobya bakuri iruhande baguha  
raporo z'impimbano bagutaka  
bagushimagiza mu biro, naho muri  
rubanda bicika! Ntagupta

gusambira rero utazasambitanya  
ibitura n'intama, maze ugusambira  
n'abitwaje amashoka bagera mu  
mbere bakayamanikira icyarimwe  
maze ukutura aho ukwirwa maze  
bakakwasaguriza icyarimwe  
ukarimbuka nk'funi ihaze! Bato?  
Dore ahinkwakuzi bakwitumye  
n'apa bakomeza kinkwirwa no  
muri ibi bihe bini turimo, none  
rubanda ikaba vibaza impamu  
udatabara bikiri bwangu ugo bitiya  
bigirwamana bicozore. Bvove  
gukomeza kuguharabika, ugashiyi-  
rwa mu najwi bici nyumbwa.

M bese ugira ngo Konseye wikitighe  
we ariyoroheje? Yihagazcho! N'agatabo  
k'umusanu wa Muvoma da! Cyo  
ngaho nyumvira uriya muturage  
umanukanye ijana yakoreye gusa agiye  
gushaka ikiro cylibishvimbio n'ubufu,  
agakubitana n'umukwabu wa Konseye!  
Rya jana bakarimwaka, agasubiranayo  
agapapuro k'umusanu, ariko iyo joro  
akburara! Ejo yajya kuri Komini  
guifatavo iby ngombwa, akahibura  
kubera ubukene bwo kuba atujuje  
ibindi, imisoro n'imisanu ya Komini  
n'ibindi byinshi Komini yihariye, maze  
byose muri ibyo bikakwirirwa.  
Baraguharabika babvitayeho, kuko twe  
twibera mu cyaro tubona byinshi, kandi  
nyamara abaturage baragukunda, ariko  
abatwarc bawe bakabateranya kubera  
gushaka amanota no gukuramo ayabo,  
maze umuturage yataka bakamupfu-  
kirana, bitvo amaso n'amati  
byagukoreraga bigakubitwaho igipfuko.

Ntanze urugero ruri hafi, nka  
Komini ya Rubavu isa nitarigeze ibona  
umuyobozi kandi yitiwa ngo iri mu  
mujyi. Abo niya numva bashimwa ni  
uwitwa RUSAPEU (I<sup>e</sup> République)  
na MURAYI (II<sup>e</sup> République) gusa,  
naho ubundi Rubavu nta kiyebora.  
Tukaba duhamya ko byaba  
byaraterwaga na Perefse(...). Twizerko  
uriya azayivaganira, tukabona  
Burugumesitri ukorana n'abaturage  
uretse uriya utagira na Konseyen'umwe  
bumvikana yewe, n'abo mu biro bose  
(soma KANGURA n° 5 p. 19) ni  
kimwe n'abandi bose bayitegetse, rero  
tukaba twibaza impamu Komine  
nzima yabura umutegetsi. Niba  
bidaterwa na ba Perefse bapropozza ba  
ndiyo bwana.

Rubavu yarapfundikiranwe rero.  
Naho ba Mahera ngo baba bari

bashishikaiwe no kuyigabamo kabili,  
maze abo mu cyaro tugahera iyo! Kandi  
Perete (...) ngo yaba yari abishygikive,  
uretse ko yagiye bitaraba. Aho  
kutuzanira Bank: y'A baturage,  
balyaniye abanyamuiyi kandi hariyo za  
B.K. na B.C.R., ubwo byose batindika  
iyo epfo!!! Kubona tutazi kuzigamaicye  
ari cyo! Noneho tureke Kubavu, dutate  
Nyamyumba, Rwerere, Kanama se!  
Yewa na Mutura. Rwe ubwo abagoyi  
twazire iki? Kandi ni uriya Mugabo,  
kuko niwe waru uhagararive Muvoma na  
Eta ino. Ubwo se yatumariye iki? Tuiya  
twumuva ko hari n'abandi muri mu  
Rwanda duhuje ibyo bibazo. Muvoma,  
turishakira abategetsi baduteza imbere.  
Uretse abitirwa badutatanga ngo turi  
a basinzi b'abanyamahane, aho  
kutuzahura! Turebye muri za Purizo,  
twasanga abagoyi ari bo benshi barimo?  
Nuko rero bamara kuduha gira butunda  
basanzwe batamenyereye, bashaka  
kujya mu cyumba bakibona hanze,  
ubwo ngo abagoyi ni abasinzi!  
Dukeneve amaiyambere n'abandi,  
kuko ayo duheruka ari ava  
**BIGIRUMWAMI**. Kuko **KARIBUSHI**  
we yanangye! Ariko wamutwingingira.  
Nibo rata Muvoma ubwo wadukime  
igihangange, wenda n'ibindi biri  
inyuma. Baratubeshyera rwose  
ntidutemana, uretse ko iyo dutewe  
twitabara, ubwo tukitirirwa urugomo  
n'uwayduteye nka za nkotanyi! None  
rero Muvoma uzatubwirire Fondateri  
ko dukeneye byibanze abayobozi ba  
Komini hagati aho n'abarimu  
babishoboye maze abo akaba ari bo  
duheraho tuzamuka. Fondateri ni  
umubyeyi, Muvoma ubimubwiye  
ntabwo yabikwangira.

Yewe ndarambiranye, reka nse cere!

Nuko Komera rero wowe  
M.R.N.D. ivuguruye, wowe na  
Fondateri wawc iwacu i Rubavu,  
turagushygikive, tu gutegejreje  
ubudahwema. Tuzaba duhurira mu  
matora cyangwa wadusuye mbere yayo.  
Komera turagukunda muri Rubavu  
ntitugira umwaga, iwacu i Bugoyi  
turasabana. Yewe, nunaza tuzagusomya  
kuri ka butunda, ndetse nibiba  
ngombwa ubonye bishoboka uzatwigire  
n'icyo kibazo cy'urwo rutoki (iyo nka  
y'abagoyi idakama), kuko n'ijo  
dukuramo umusanu wo kugushy-  
gikira.

Kaze neza iwacu i Bugoyi urisanga.

**BASHOBOYIKI Pascal**

## KUBABIRIRA UTABIGUSABYE NI UGUTA INYUMA YA HUYE.

Muri iki gihe cy'intambara turimo, usanga rubanda nyamwinshi itarakiriye neza imbabazi Umukuru w'Igihugu yagiriye abanzi b'u Rwanda, aribo inyenzi-inkotanyi n'ibyitso byazo. Abantu benshi usanga bavuga ngo yatsindiriye abanzi b'u Rwanda imbabazi bashaka zatikiza abahutu n'abatutsi badakaze mu bugome, ngo kuko abo banzi yahye imbabazi batigeze bazisaba, ngo ndetse ne kuva bahabwa izo mbabazi ntibarava ku izima, ngo bashyire intwaro hasi. Inyenzi-nkotanyi koko ntizirareka umugambi mubi wazo, kuko zigikomeza kwica urubozo abaturage bo ku mupaka w'u Rwanda n'u Buganda, ndetse n'ibyitso byazo byafunguwe byirirwa bivuga ngo byaratsinze, ngo kandi biziherera.

Abahutu benshi usanga bavuga ngo abategetsi bacu noneho si ugutanga imbabazi bashaka kurusha Imana, ngo kuko kugira ngo nayo ikugirire imbabazi, ugomba kubanza kwicuza ibyaha byawe; waba uri umukirisitu w'umugatorika ukajya mu ntebe ya penetensiya kwa Padiri, cyangwa kwa Musenyiri. Waba uri mu rindi dini, ukihanira ibyaha byawemuruhamme. Mu muco wa kinyarwanda naho, iyo umuntu yaguhemukiye ashaka ababyeyi, abavandimwe n'incuti, agashaka n'inzoga akagutura, maze bakamusabira imbabazi, nawe ubwe akazisabira, akanagusezeranya ko atazongera kuguhemukira. Iyo bibaye ngombwa, umuha imbabazi ako kanya, bitashoboka bakazagaruka umaze kugisha inama umuryango, ukakubwira icyo utekereza ku mbabazi usabwa, maze ukabona kuzitanga, kuko burya uhemukiye umubyeyi ntaba asize abana be.

Inyenzi-nkotanyi n'ibyitso byazo zagombaga gusaba imbabazi abahutu n'abatwa zari zigambiriye kumarira ku icumu, mbere yo guhabwa ziriya mbabazi. Zagombaga kubwira ababyeyi

bazo n'abavandimwe bazo bari mu Rwanda, bagaterana maze bakandikira abahutu n'abatwa ibaruwa yo kubasabira imbabazi, babinyupje kuri Perezida wa Repubulika. Inyenzi-nkotanyi n'abatwa zagombaga gusaba imbabazi mu nyandiko, byaba ngombwa zikica icyiru, ibyo byoseariko ntibyakozwe abubwo bene Garutsi bitoyemo ha nyoni nyimbi umunani bayobowe na NTASHAMAJE Antoine, asatanyije na KARENZI Pierre Claver, bandika ibaruwa yo gutuka abahutu babandagaza, ngo ni ba rusahuramunduru, maze bayishyikiriza Perezida wa Repubulika. Ese gutukana niko gusaba imbabazi za bene wabo batwiciye a basirikari, bakatwicira ababyeyi n'abana ku mupaka, bakanaturaza amajoro tudasziriziye bataretse no kuduteza ubukene?

Ikibabaza abahutu benshi, ni uko abo banzi babo bamaze kubona imbabazi w'Umukuru w'Igihugu, bakagenda bamunnyega ngo abafundagira imbabazi batazimusabye ngo ndetse nta n'uburenganzira afite bwo kuzibaha. Abandi muri abo banzi b'u Rwanda, cyane cyane ibyitso by'inyenzi, byamuhaye urwamenyo bivuga ngo abonye bagiye kudutsinda, abaha imbabazi ngo nibafungure ariko ntibazava ku izima, bazashirwa ari uko abahutu n'abatwa bashize mu Rwanda.

Abantu benshi iyo bumvise ayo magambo, basanga Umukuru w'Igihugu yaragombaga kubanza kugisha inama abaturage, mbese akabanza agatumiza Kongre idasanzweya M.R.N.D., ikagira icyo ivuga kuri izo mbabazi. Abahutu bose bari kwicwa n'inyenzi-nkotanyi, bagombaga kubanza kugishwa inama. Abenshi usanga bavuga ngo: ko se yazitanze abadutera bagakomeza kutwoherezamo urusasu, ndetse n'ibyitso byabo bigakomeza kwivovota ngo biziherera, izo mbabazi zagira gaciro ki uretse kudusebya ngo abahutu ntibazi gutegeka no guhana, ngo ni abanyenda nini bababarira abadashaka

imbabazi zabo? Yewe, kubabarira utabigusabye ni uguta inyuma ya Huye!

Niyewe ndasanga mu gihe u Rwanda ruzaba rugendera kuri politiki y'amashyaka menshi, Umukuru w'Igihugu yagombye kuzajya aha imbabazi abantu bazisabye gusa. Abashaka gusaba imbabazi cyangwa abashaka kuzisabira bene wabo, bagomba kwandikira Inteko Ishinga Amategeko, maze ikiga ikifuzo cyabo neza, yamara kukiga ikagishyikiriza ubutegetsi bw'ubucamanza, bwasanga izo mbabazi ari ngombwa, bukurikije amadosiye yabo bantu, bukabime-nyesha abadepite, nabo bagasa Perezida wa Repubulika gutanga imbabazi. Perezida yabona ari ngombwa akazitanga, yabona atari ngombwa ntazitange.

Bityo bizatuma ubutegetsi nyubahirizategeko butavanaho ibyemezo by'ubutegetsi bw'ubucamanza igit atari ngombwa. Ibi ndabivuga kuko ntekereza ko mu gihe cya politiki y'amashyaka menshi Umukuru w'Igihugu ashobora gukoresha ububasha bwo gutanga imbabazi akababanira abayoboke b'ishyaka ryamutoresheje, incuti ze, abanyereje umutungo w'Igihugu cyangwa abahemukiye abaturage ku buryo batagomba kubona imbabazi kugira ngo ubutaha azongere abone amajwi. Rero imbabazi zigomba guhabwa uwazisabye mu buryo bwemewe n'amategeko.

HATEGEKIMANA J. Baptiste.

Kigali

N.d.r: Mu gihe cy'intambara, Perezida wa Repubulika ashobora gefata ibyemezo byihutirwa kugirango amahoro agaruke vuba mu gihugu. Imbabazi yatanze rero nicyo zari ziga mije, kandi abifitiye uburenganzira. Kuba Inkotanyi zikidutera biragaragaza ubugome bwazo zavukanye kandi nizitava ku izima ngo zubahirize ibyo zasinyiye i 'Nsele zizashirira ku icumu.

KA02 1329

KA02 1329

## NIMUTABA INYANGAMUGAYO MURAKOMEZA KWAMBARA UBUSA MU ISOKO !!!

Mu gihe twese duhanze amaso CND igomba guhuza Itegeko-nshinga n'icyemezo cy'amashyaka menshi, rubanda duteze byinshi kuri uwo mwuka mushya, bamwe batangiye kugirira ubwoba. Ntawabirondora byose, ngo abirangize, ariko hari ibyhutirwa kurusha ibindi. Turagira icyo tuvuga kuri MINIJUST, MINIFOP, MINAFET, CND, ORINFOR, na MINIFIN.

### MINIJUST IRANZE IBUZE U MUTI N'URUKINGO.

Burya ikinyoma n'ubutabera ntibijyana. Nyamara muri iyo Minisiter gisa n'aho cyahawe intebé. MUJYANAMA varanyazwe, turiruhutsa tuti dukize ibinyoma n'ibigambo. Ndetse tuti iriya Minisiteri ubwo ihawé umugabo w'inararibonye kandi w'intiti, ibantu bigiye mu buryo bwiza. Nyamara se abazi kwibuka, nimwibuke. Mwibuke ukuntu yahise afungura ibyitso byose by'abatutsi, gereza i gasigaramo abahutu n'abasirikare gusa. Kubona yihanukira, akemeza ko imyigaragambyo yabereye muri gereza ya Kigali yakuruwe n'abakunda kurya? Ariko se koko, ifunguro ryashoboye guhaza abantu ibihumbi n'ibihumbi ryashoboraga rite kudahaha bake bari basigayemo? Iby'ibyitso by'inkotanyi bimaze gufungurwa. Se kuki batemereye abanyamakuru kubaza abo banyururu? Mwibuke ukuntu mu kiganiro we n'abandi ba Minisitiri bagiranye n'abanyamakuru, yatangaga ibisubizo bya mwikize, bimeze nk'imbare kandi abwira rubanda. Wa mugani w'abazi gushishoza, niba na MUJYANAMA yashoboye gukingaho udutoki.

### MINIFIN: LETA IRAZIRINDE KONGERA GUHUNIKA MU BIGEGA BIKIRIMO IMBEBA!

Byaravuzwe biratinda ko gukora muri Finances ari ukuvoma mu kidakama. Kandi ga burya, ngo abahakora nibo bazi ko Leta ari umubyeyi, n'ubwo Leta hari n'abandi

bensi isera. Leta rero, irazirinde kongera kubitsa impyisi intama, ihenika iriya mfashanyo n'inguzanyo duherutse kubona mu bigega bikirimo imbeba. Izabanze izimeneshe, naho ubundi twaba tuvunikira akamama. Maze barangiza kuyanyereza n'amayeri menshi, ngo abakozi ba Leta bakwiriye kwigomwa! Ntawanze gutanga umusanzu ngobokagihugu, cyane cyane muri ibi bihe bikomeye tugihanganye n'inkotanyi, yaje isonga ubukungu by'Ighugu. Ariko se, uretse byabindi by'intsina ngufi, hose baraharebye ku buryo serum idakiza ntiyice ariyo itahiwe?

Abanyereje umutungo wa Leta, kandi barahari, nibawusubize kuko ari uwa rubanda. Abategetsi bo mu nzego zo hejuru nibahare ibyo bagenerwa, basigarane nabo imishahara yabo gusa, kuko n'ubusanzwe ari bo bifashije kurusha abakozi bo hasi. Iby'imodoka za Leta nibisubirwemo, zikorere Leta gusa, kandi zireke kunywa lisansi nk'izinywa Nyabarongo. Ese mu by'ukuri, imodoka ARIKEPISIKOPI wa Kigali afite ikorera Leta? Imodoka ya KARANGWA, iya NSHUNGUYINKA, n'izindi n'izindi zikorera nde? Izo ni ingero gusa, kandi byose birashoboka turetse kuba ba «Barikunda».

### MURI MINIFOP HAKWIRIYE IHAME RYA «RIGHT MAN IN RIGHT PLACE»

MINIFOP yakomeje kubura ingambazihame mu byo gutanga akazi. Ibyo byatumye ahensi imyanya imwe n'imwe itangwa mu kajagari, igahabwa abatabishoboye, ubwo akazi kakadindira. Hari n'aho imyanya (myiza), itegereza amezi n'amezi, hamwe ndetse bigakabakaba mu myaka akazi kadindira, mu gihe abariganya b'abacurabwenge ngo bagishaka uwo guha umugati. Tubivuge tubisubire, umugati, imbehe, ni uburiganya bushingiye ku buhake. Akazi kagomba guhabwa abagashoboye, abajandajanda

bagasezererwa, ariko mu butabera. Akazi ka Leta kandi si ubukonde. Abadashoboye akazi bagomba guhindurwa vuba ibantu bitagombye kuzamba, kandi nabo batarica agasozi.

### MINAFET: INJIJI SI ZO ZIKWI- RIYE GUHAGARARIRA U RW- NDA MU MAHANGA.

Burya koko hanze habiyina umuhanga kandi n'iyi ntambara y'inyenzi, hari byinshi yagaragaje. Mu gihe Perezida wa Republikana na Minisitiri BIZIMUNGU bakubitaga hirya no hino mubihugu by'insuti banyomoza inkotanyi, abenshi turacyibaza icyo abaduhagarariye mu mahanga nk'i Paris, i Bruxelles n'i New York bakoraga. Ngo hari n'abatinyaga guhangana n'inkotanyi, zigatuka u Rwanda baraho bakinumira. Ngo hari n'aho ahubwo ngo dusite n'abashinzwe itangazamakuru! Abo bose bakwiriye gutahuka aho gukomeza kudusebya.

### CND YABATIJWE «NDIYO BWANA».

Iyo umuntu yitegeree neza imikorere ya CND, asanga mu by'ukuri ari nk'igikoresho cya Guverinoma. Twumva buri gihe kuri Radiyo bavuga ngo: Abadepite bemeje kandi bahamije burundu umushinga w'itegeko iri n'iri. Ntitrumva icyakora bavuga bati twashyizeho itegereko iri n'iri ridufasha kurwanya inzara, ridufasha kuringaniza imbyaro n'umusaruro, cyangwa se ridufasha kongera ingufu z'Ighugu nko muri ibi bihe by'ntambara.

Bamwe rero bakunze kuvuga bati: impamvu bariya badepite batinyatinya, ni uko bamwe baba baramamiwe amajwi n'abategetsi, abandi bataratowe na rubanda. Mbese abo badepite ko twumva ko bashinzwe no kugenzura imikorere ya Guverinoma, ko kuya CND yashingwa ntacyo iravuga kumugaragaro kuri iyo Guverinoma, ni ukuvuga ko buri gihe ikora neza? Hazagire umudepitc ubitubwira!

## **ORINFOR NIREKE GUKORERA KU BWOMA NO MU BWIRU.**

Muri iyi minsi hari byinshi byavuguruwe muri icyo kigo, kubera ahari umuyobozi wacyo mushya. Icyakora kandi, hari byinshi bikwiriye guhinduka. Radiyo Rwanda ni itugezaho vuba amakuru y'u Rwanda,

kandi yirinde kuyayungurura. Ibyo nibyo bishobora kurandura burundu impuha, n'amakuru ya Radiyo rumwa, akensi aba afite ishingiro.

Birababaje kubona iby'imyigarambyo yabereye muri Gereza ya Kigali kuwa kane, Radiyo Rwanda yarabitugejejeho kuwa gatandatu

nimugoroba, inkuru yarabaye amateka, kandi nabwo ari ibinyoma kuko nta munya makuru n'umwe wahageze. Mu ruhando rw'amashyaka hazakora ukuri kuzira igitugu n'uburyarya kandi byose mu butabera.

La Rédaction

## **NDASHIMA M.D.R. NYIFURIZA GUTSINDA.**

Muri ibi bihe abanyarwanda bamaze guccengerwa n'umwuka wa demokarasi bazaniwe na Perezida HABYARIMANA, hari bamwe babyitwaramo nabi bakaba bashaka kwitiranya Demokarasi n'ubupfura buke, n'ibinyoma cyangwa se amatiku. Niba rero ari uko dutangive twumva demokarasi, vaba irutwa n'ishyaka rimwe ku butegetsi kuko byibuze ho nta kajagari kahaba. Icyakora njye narinzi yuko demokarasi bivuga kutaniganwa ijambo, ukavuga icyo utekereza mu bwisanzure kandi mu kinyabupfura ugamiye kubaka atari ugusebanya no gusenya. Nawe se iyo ufashe inyandiko ugamiye guharabika kanaka, ukayishyira mu kinyamakuru uba ugamiye iki? Uba se wunguye iki abusomye inyandiko yawe? Njye mbona uba usebeje uwo wanditse nawe utiretse!

Umunyarwanda usheshe akanguhe niwe witegeree neza arangije aravuga ati: «usohotse uko ari ntabugayirwa». Niba rero usobanukiwe na demokarasi, wakwandika amakosa y'uwo muntu ariko utamuhimbira uhubwo ukannamubwira uko yakwicosora. Ibyo nifuzaga ko uwitwa umunyamakuru wese byamwinjira mu mutwe kuko mbona inyandiko zabo hafi ya zose ziba zitagamije kubaka muri ubwo buryo. Nk'ubu nabonye ibyinshi muri ibyo binyamakuru biriho ubu byarahagurukiye kurwanya M.R.N.D. ngo bibone uko byamamaza M.D.R. n'ayandi. Abayoboke b'iro shyaka ntibasiba kuvuga ko M.R.N.D. ntacyo yakoze, ngo abategetsi bayo nibo batumye inkotanyi zidutera, ngo baranzwe no

kunvereza umutungo w'igihugu n'ibindi bibi byinshi. Icyo twanzo rero, twebwe abasomyi, ni ukoabo bayoboke bashaka kudufata nk'abana.

Ubu se tuyobewe ko amenshi mu mazu ari hano i Kigali, kuri plateau no muri quartiercommercial, ari ay'abatoni bo kuri Repuburika ya mbere ndetse n'andi menshi kandi akomeye ari iyo hirya iwabo aho bavuka! Tuvuge se ko bayubatse cyangwa bayaguze mu mushahara twese twiyiziye umukozi wa Leta yahembwaga muri icyo gihe?

Mu migambi ya M.D.R. rero harimo kuzaha umuturage wese ibantu byose afitiye uburenganzira! Mwadufata nk'ibibondo ye! Tuvuge rero ko muzaha buri munyarwanda wese nk'modoka, inzu, muhe amashuri abana bose bagize 50% no hejuru yayo, munakore ku buryo buri munyarwanda wese arara ariye, uwabuze ibyo kurya murare mubimugejejeho! Ese ko mutanadusobanuriye aho muzakura ayo mafaranga? Kuba mutarasobanuye ibyo muza ha abaturage bafitiye uburenganzira twe dusoma inyandiko zanyu dushobora gutekereza ibyo dusitiye uburenganzira byose kandi tukaba twizeye ko bizatugeraho. Mwaretse kutwizeza ibitangaza, kandi ko mubiterwa n'uko musubiza amaso inyuma mugasanga ntacyo HABYARIMANA atakoze cyari mu bushobozzi bwe. Erega ntacyo mwakwirirwa mutubeshya kuko abanyarwanda twese turaziranye. Uretse ko mwe mubyita amareshya mugeni ahubwo njye ndabona ari inzozi murota izuba riva.

Nawc se, n'ushaka umuntu washatse akazi wakabuze kubera ibyaha yagive akora uzamusanga muri M.D.R., n'ushaka uwahoze afite umugati akawamburwa kubera imikorere ye nave uzamusanga muri M.D.R. Niwumva ngo kanaka yabaye umu me, uwo azaba ateze amahaho muri M.D.R. Yewe n'abakekwaho kuba baranyereje byinshi ubu barahambira utwangushye bahungira muri M.D.R. kuko umuyobozi wa M.R.N.D. aherutse gutangaza ko abameze batyo bagiye kuzabiryozwa! Ngaho rero nave mbwira agakiza tuzazanirwa n'abo bantu bisitiye umujinya n'inzara bingana bityo! Ahaaa!!! Abanyarwanda turi maso. Ubwo se umuntu ushonje atyo yajya kwibuka umuturage we atabanje kwiyuzuriza inda yari imaze imyaka n'nyaka itegereje imigati itayigeramo?

Harya ngo umugambi wanyu ni ukwandagaza abategetsi ba M.R.N.D. muka bangisha abaturage, mukaba mubasibye amayira? Murarushywa n'ubusa. Ejo bundi muri Kongere Idasanzwe ya M.R.N.D. nyiri ubwite HABYARIMANA yivugye ko abafite inda zisumba imitima yabo bagomba kugaragara abakosheje bakabihaniwa. Kubasimbuza abandi rero b'inyangamugayo sibyo bimunaniye. Azabigenza atyo, ndetse n'abiha gutegekesha igitugu banyuzwe muri iyo nzira, maze tuzumve icyo muzasigara mumurega.

Nyakubahwa umukuru w'itiku SEMUSAMBI, nyuma y'agahenge yari amaze iminsi aduhaye, noneho yatinutse gutuka umukuru w'igihugu!

# KA02 1331

KA02 1331

Ni agahomamunwa. Ese mwacishije make ko ntawigeze abirukana muri M.R.N.D., ko nanubu itarigera irota kuvangura abana b'u Rwanda, mwayivuyemo neza mutanduranyije, mukajva gushinga cyangwa kubyutsa ishyaka rvanvu mu mahoro mukabana neza n'abo mu yandi mashyaka. Nyamara iyo nibutse ko uwo SEMUSAMBI uri ku isonga rya M.D.R. yacitse umunyururu kubw'amahano ahanganye na M.D.R. muri Repubulika va mbere, numva ari urwenya rwigendera !

Abatuye mu muysi wa Kigali rero twifitiye akarusho kubera abayoboke ba M.D.R. batwirirwa mu matwi batugenda inyuma ngo M.D.R. iratsinze da, ngo kandi izatsinda! Hari uyibujije se ko M.R.N.D. atariyo kamara. Naho ubundi dushvize mu gaciro, twajjurana tukikosora, tukareka gutera indirimbo no gukoma amashyi kandi tumaze gusezerera ababyina: Ngo M.D.R. iratsinze. Itsinze iki? Igitsindiye he? Izatsinda ryari? Umva nawe, ubu turi mu mudendezo nti duhatswe, nta n'ubwo tuzahakwa. Twasezereye burundi ingoma ya cyami, ingoyi ya gihake navo birajvana. Ntidusubira inyuma. None se iyo Mudeli izatsinda ubuhe buhake buzaguruka bwa kabiri kon'ubwari bwihandagaje mu gukotana Umugaba w'Ingabo HABYARIMANA vabukomeye imbere Ingabo z'igihugu tukazitura icyivugo na n'ubu akaba ari cyo dutaramana.

Iryo banga ry'umutamenwa abaturarwanda twakoresheje mu gutera inkunga ingabo zacu, si ubumwe dukesha Muvoma ariyo ntwaro abaserije badushyikirije kugira ngo dufatanye twese duhashye umwanzi?

Icyakora cyo tuzi abasomvi, niuko M.R.N.D. ari ubukombe, kandi ko ntarindi shyaka rvahangara kuvuga ngo birareshya. Mu gifaransa baravuga ngo «Il ne faut jamais chanter la victoire avant la guerre». Nimwihangane rero amatora aze, tubfurije gutsinda, maze mubone kutwicisha iyo ndirimbo. Aha rero naho ngirango nshimire M.D.R., nyishimire ko yadufashije kwigobotora ingoyi ya gihake. Hari n'ibindi tuzi twese yadukoreye kandi ikwiye gushimirwa. Nijvane ibvo rero kandi birayihagije.

Reka ahubwo niye mbagire inama yo gusiza ikibanza cyanyu muzashingamo ishyaka ryanvu mukaryubakira bityo mukabona uko muritoresha, aho guhugira mu matiku n'ibinyoma murangaza rubanda.

Dore nk'uku M.R.N.D. iriyamamaza namwe mukiri muri ayo! nkaba mbona rero n'amatora azagera mutariyamamaza ngo murajorora M.R.N.D. Mboneycho n'umwanya wo kwibutsaabashaka gushinga amashyaka ko kugeza ubu M.R.N.D. ariryoshysaka ryemewe n'amategeko. Abo rero dukanze kubona inyandiko zabo mu binyamakuru cyangwa tukabiyumvira, bavuga ngo M.R.N.D. iraryamira andi mashyaka, ngo nibe ihagaze, ngo iriyamamaza andi mashyaka ataratangira ...Ayahe mashyaka se? Kugeza ubu itegeko nshinga ryemera M.R.N.D. gusa. Ntarindi shvaka rero ryemerewe ibyo byose igihe amategeko atarahindurwa. Umukuru w'igihugu yatanze gahunda, ni ukuvitegerezre rero tukayikurikiza.

Yewe, ntawe uneza rubanda koko. Uzi ko hari n'abo njya numva bavuga ngo ese ubundi minde wamubwiye ngo nashyireho ayo mashyaka menshi? Ngo yagombaga kureka twebwe abaturage tukabimwisabira! Mu buhe buryo? Mu myigaragambyo! Ngaho namwe nimumbwire niba abo bantu badushakira amahoro. Twese uko tubizi, ko bashakaga ayo mashyaka, bikaba bigaragara yuko Umubyevi yaboroso yabyukaga, batuje ko ieyo bashakaga bakibonye bakidagadura mu mahoro. Icyakora ndabibuska ko amategeko tugenderaho atemera iyo myigaragambyo, ko uzayikinsha akamanurwa muri 1930, ntazavuge ko yarenganye, ngo ko hatubahirije uburenganzira bw'ikiremwamuntu, kandi yishe amategeko igihugu kigenderaho ayareba. Naho ubundi nidutangira kwiycira amategeko twishyiriyeho, ntaho tuzaba tugana. Aha rero ndagirango nibutse kandi ngaragaze ko kugeza ubu ibyo M.R.N.D. ikora ibisitiye uburenganzira ihabwa n'amategeko y'u Rwanda, ko idatandukira, kandi ko idashobora guhagarara amategeko adahindutse. Ubwo turi rubanda, dukwiriye

gushishikaza intumwa zacu twitoreye mu buryo bwemewe n'amategeko zikabidutunganyiriza mu maguru mashya, naho ubundi nitwigerezaho, tuzabura byose nk'ingata imennye. Uzashaka kunyomoza azabanze asome ayo mategeko, maze aze tujye impaka.

*Umuvoboke wa M.R.N.D./Kigali.*

## KANGURA IRASOBANURA IBYO YANDITSE MU RWANDIKO RWASOHOTSE MURI KANGURA N° 14.

Mu byukuri, ntabwo twasabye imbabazi abatutsi, kandi nta cyaha twakoreye abatutsi. Twebwe rero twashatse gusobanurira abasomyi bacu ko tugiye gutangira gusobanurira abanyarwanda cyo abaturage bateze ku butegetsi bw'amashyaka menshi. Dore ko inyuma y'ayo mashyaka hihishe byinshi, ibviza n'ibibi. Umurimo wacu rero wo gukomeza gutahura amavere y'injyoko ntutsi, ntabwo wahagaze, ahubwo uracyakomeza. Ese ubundi mwa bonye he umututsi ukunda umuhutu? Ese ibikorwa n'abatutsikazi barongorwa n'abahutu ni nde utabizi, cyangwa se utabibona? Ese aka kanya mwiyi bagije ubutasi bukorwa n'abatutsikazi mu bahutu? Bahutu mutunze abatutsikazi, kuki mubyara abana basa na ba nyirarume cyangwa na babvara b'babagore banyu. Twebwe twose twiyemeje kuba ijwi rya rubanda nyamwinshi, kandi aho umuhutu aherereye ntawe utahazi. Gusa ikibabaza niuko umuhutu kugeza ubu atamenya ko hari imitego y'ubwoko bwinshi agenda ategwa n'abatutsi, cyane bariya biyise inkotanyi.

Gusa cyo umuntu yafataho isomo ku batutsi, niuko bafite ubwumvikane bwabo, bikaba byagombye kubera abahutu urugero. Kuko kugira ngo tuzatsembe imigambi y'injyoko mwanzinkotanyi niuko tugomba kunga ubumwe, n'ubwo mwene gatutsi atazatambamira cyo gitekerezo. Kangura rero nta na rimwe izihanganira uburetwa bw'abatutsi.

Murakoze.

## NKWITUMIRE KURI MFIZI CHRISTOPHE WAHOZE ARI UMUYOBOZI WA ORINFOR.

Nawe ubwe ntiyabyumvise ! We ni MFIZI Christophe, icyo atumvise ni ihindurwa rye. Ntiyanyazwe yahewe indi mirimo. Aracyari Urnyovozi Mukuru (muri Minisiteri y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhang) ushinzwe Ubugeni n'Umuco. Ntacyo abuze uretse ahari «505» ifite bya bishuri byadutse bita «fumées».

Ntacevo dupfa. Ariko aho ari aho muri Minisiteri yari akwiye gusubiza amaso inyuma akibuka ko nawe ari umuntu nk'abandi, atari ikigirwamana, ko atari we uzi ubwenge wenyine, kandi ko ataremewe gutegeka.

Abatazi uwo mugabo bamwumvise kuri Radyo gusa cyangwa se basomyc inyandiko ze, batwave n'igifaransa eye eyiza (kumenya kuvuga neza) cyangwa se inyandiko ze zitagomba kumvwa na rubanda rubonetse nk'uko vabifuzaga.

Nyamara uwavuga av'inzuki ubuki ntibwaribwa. Yari umuntu wibwiraga ko ORINFOR (ikigo cya Leta) ari umugabane we. Ibyo bikagaragara mu micungire y'icyo kigo yacungaga nk'ucunga urugo rwe. Reka duhere ku bakozi: ORINFOR, abantu bitaga ORIMFIZI kuko yasaga nk'uwigize icyo kigo icye, yarangwaga n'abakozi benshi badafite icyo bamarije ikigo, kuko abenshi muri bo ntacyo bari bashoboye kindi uretse guhakwa. Utazi guhakwa akahagwa. Amatiku yo muri ORINFOR ntawe utayazi yose, agashyikirwa n'uwoheze ayiyobora we wifuzaga ko umukozi ahora iwe buri cyumweru kymwifuriza gusa umwaka muhire na Noheri nziza umwaka ntaho uragera.

Yifataga nk'umuhinza (niba ari umuhutu!). Reka nako tuvuge ko yifataga nk'umwami niba ari umututsi dore ko yabakundaga nk'inka imwe. Ugasanga abakozi barimo ibice bitandukanye, harimo abatoni, abakozi basanzwe n'abo «umwami» asa n'abo yaciye. Ibyo byagaragariraga cyane mu gutanga amashimwe mu bakozi, kubaguriza cyangwa se kuboherenza muri za «reportages» cyangwa stages. Ntawe

byari bigitangaza umukozi aguriwe atari yamara n'ukwezi na kumwe, mu gihe hari abahasaziye nta n'ikosa akensi ba baga barakoze, uretse gusa kudatona iwe. Byagezaga n'abo iringa kundwakaza rikabya, nk'ibyabaye ku «cyamamare» Agnès MUREBWAYIRE, aho akanama gashinzwe gutanga inguzanyo kamugeneye amafaranga agomba kubona bakurikije amafaranga ahari n'abakozi bayatse, sibwo umunyakibungokazi, «umututsikazi wawe» ayagaramye! Impamvu? Ngo ni make!!! Akiyibagiza ko hari abandi bari bayakenye. Yapfuye kubikoza inshuti ye gusa MFIZI. Ubwo ahita ategeka ko bamwongererera ibihumbi ijana (100.000 Frw) kuri 250.000 Frw yari yemerewe. Kandi ubwo wenda umutungo wa ORINFOR utanabimwemerera ntivirirwe anabaza ushinzwe kuwucunga.

Cyangwa se cohoreza abakozi muri za «reportages»! Uko guherereza Umukuru w'lighugu akagufatira nk'animateur cyangwa se ukora ibiganiro (producteur) badafite aho bahuriye n'itaramakuru, akaba ari bo yohereza. Akazi bakakazamba birumvikana, bakagukorera ibiganiro ngo ni amakuru. Byose ngo ni ugutanga umugati! Sibwo umunsi duterwa n'inkotanyi Agnès MUREBWAYIRE (twese tuzi ibye), yari muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

Ngo tariki ya mbere z'Ukwakira, Agnès MUREBWAYIRE wari uzi umugambi wa RWIGEMA na bagenzi be, yaravuze bamubwiye ko u Rwanda rwatewe, ati: «koko di, uzi ko ari le premier!». Ngo ibyo byose ni ugutanga umugati. Twigeze kuvugaibya «stages», nta mukozi MFIZI yoherezaga kwiugura agiye kwiungura ubundi bwenge. Yagufatiraga nk'umuntu ukora muri secrétariat cyangwa se comptabilité, akamwoherenza muri «stage» igenewe ubundi abanyamakuru. Iyo nanone atoherezaga umuntu muri stage itangwa mu rurimi atumva kandi abarwumva bahari.

Christophe MFIZI akaba nanone vari umuntu wiéméra, akaba azi ko ari we ifite diplome wenyine, kandi akaba azi ko diplome afite (licence) ari yo kirenga ku buryo atemeraga cyane licence z'abakozi be cyangwa bagenzi be. keretse ngo baranyuze muri Christ Roi i Nyanza bakarangritza i Louvain mu Bubiligi, nabwo bazi ikilatini....!

Mu kwiyemera kwe, MFIZI Christophe mu ijambo rye ryo gusezera ku wamusimbuye ku buyobozi bwa ORINFOR muri Hoteli Kiyovu, arihandagaza ngo asize «ibitengo» bituzuye. Ngo agiye adategetse Radyo izaba ifite émetteur ishobora kumvikana muri Afurika yose, ngo asize adategetse télévision nyarwanda, nk'aho ari we wenyine ushobora kuzuza ibyo bitengo. Nyamara twumva ko n'umutungo wagonewe télévision washize itari yatangira !

MFIZI Christophe akaba no ku ivangura-moko yarageragaho. Ni umuntu wifata nk'«imfura», kandi iyo urebye ugasanga adasa nazo. Nawe agakunda abo akka ko ari «imfura» nk'aho. Abandi akabita abahutu. Ubwoko bw'umukozi akaba ari bwo bumuhangayikisha mbere y'ibindi, nk'aho ubwoko ari bwo bukora akazi! Ku bategarugori n'abari bo byari bikabije, kuko kugira ngo aguhe akazi wagombaga mbere na mbere kugira isura nziza. Inkuru yari imaze gukwira ko ORINFOR yuzuye ibizungerezi. Maze uwo moyobozi akirirwa abaza abo ba «secrétaires particulières» be niba koko ari «imfurakazi». Nabo birumvikana baka bimwemerera bakanabimwereka muri byose !

Nguwo u waru yaramaze abantu ngo ni intiti. Akarimi karyoshye ko yari agafite ! Twibutse ko yiyemeje gukora uko ashoboye kwose ngo ananize uwamusimbuye. Ibyo muzabisanga munyandiko Mfizi azajya ahitisha kensi mu binyamakuru byigenga byo mu Rwanda.

Murakoze, yari MUTSINZI.

KA02 1333

~~KA021332~~ ~~KA021332~~ ~~KA021332~~  
~~KA021333~~ ~~KA021333~~ ~~KA021333~~

## M.R.N.D. IGAMBANIRWA UKO BWIJE N'UKO BUKEYE !!!

Ubusanzwe mu muco wa kinyarwanda, abantu bataramaga nimugoroba bakaganira bagaca n'imigani, bakavuga ko ntawe uca umugani ku manywa. None twe ab'ubu, guca umugani ku manywa ntibikizirizwa. Mperutse kunyarukira hafi y'i Remera nyuma y'amasaha y'akazi, nsanga ari abagabo, abagore n'abakobwa b'abakozi bataramye, umukuru muri bo arihanukira ati: reka mbacie umugani:

Umugabo witwa NTIGULIRWA Benedigito, akaba ari Minisitiri w'Imari, yamaze kunoza umugambi we n'abo bafatanyije mu ba Minisitiri badashyigikiye M.R.N.D, nuko barangije bawuzana mu nama ya Leta (Conseil du Gouvernement), maze abari muri iyo nama nabo bahuriza hamwe mu gushyigikira uwo mugambi, ndetse na nyirukugambanirwa ari we Perezida wa Muvoma ahibereye. Muti uwo mugambi ni uwuhe? Ntawundi ni ugusibira amayira M.R.N.D. Muti mu buhe buryo?

Mwese muzi ukuntu ikibazo cyo kugurisha amazu ya Leta cyashyhije imitwe y'abanyarwanda. abenshi muri

ya mibonano yagiye ihuza uwari Minisitiri w'Imigambi ya Leta NZABONIMANA Kalisiti na Kongere z'amaperefegitura (Congrès préfectoraux) bakaganira kure icyo gitekerezo. None hiyongereyeho ikindi kibazo cy'incamugongo cyo gutanga 8% cy'umushahara wa buri kwazi ku bakozi, n'imisoro y'inyongera idasanzwe ku bacuruzi, kugira ngo tuzibe icyaho mu ngengo y'imari ya Leta. Niye rero ndareba ngasanga iyo ubukungu bw'ighugu bumeze nabi, n'umuturage wese aba amerewe nabi. Ubwo rero ari ikibazo rusange, ndumva twese dushobora kucyihanganira, n'iryo gurishwa ry'amazu rikaba ryitonde-shejwe, amashyaka aka banza agashyirwaho, ibyo bibazo byose bigasubirwamo, bikabanza kwemezwa n'amashyaka yose, kugira ngo hato batavaho babyegeka kuri M.R.N.D. ngo niyo yagurishije umutungo w'Ighugu (amazu n'amamodoka), ngo ni nayo igambiriye gusonga abaturage ibaka amasaranga, kandi kw'itegeko kuko itashoboye kwaka imisanzu yajyaga yaka nk'uko byatangiye

Ikibabaje rero, ni uko icyo cyemezo cyafatiwe mu nama ya guverinoma,

abaminisitiri bashyigikire M.R.N.D. bakacyemera uretséko Perezida yasabye ko babanza bakabaza abakozi icyo babitekerezaho. Icyo abantu bensi bakomeje kwibazaho, ni ukuntu ibitekerezo n'ibyemezo nk'ibyo bisonga igihugu n'abagituye, bifatwa n'inzezo nkuru z'ubuyobozi bw'ighugu mu izina ry'umuyobozi twitoreve tumukunze, tumuziho ubushishozi, ubwitonzi n'ubuhanga adahwema kutugaragariza. Ubwe dusanzwe tuzi neza ko akunda demokarasi, Perezida wa Repubulika yatwemereye amashyaka menshi yubaka kandi twihitivemo mu bwisanzure, turamushima. Ngombwa rero ko icyo cyemezo gishyirwa vuba mubikorwa, kugirango abantu bareke gutsindagirwa imanya itabakwiye, maze babone uko babogamira ahbabereye. Ariko kandi byaba byiza Perezida atabyise kumugondoza, akadushyirira ahagaragara abamugira inama, tukababona kandi tukabamenya kugira ngo ibitekerezo n'ibyifuzo byacu tumenyenye ababiniga n'amakosa adukorera, tumenyenye abayamukoresha baryozwe imirimo yabo.

Umusomyi wa KANGURA.

## ABAVUNJA AMAFARANGA BAVUKA KUBAHUTU N'ABATUTSI BO KU GISENYI BASHYIZEHO IKINYAMAKURU KITWA « LE MATIN-URUYANGE ».

Nyuma yo gufungura ibyitso by'inkotanyi byari bifunzwe, bimwe muri ibyo byitso byahise bishyiraho ikinyamakuru cyandikirwa ku Gisenyi, ngo integano yabo akaba ari ugusohora i nimeru eshatu gusa. Tubenze turebere hamwe abo bacyandika.

1. BAGOYI Hassan, mwene Mussa Gasatura, umututsi ukomoka i Nyanza akaba acumbitse ku Gisenyi.
2. HAMADA Sefu icyitso cy'inkotanyi cyakoraga muri Meridien ku Gisenyi cy a funzwe iyihe inkotanyi zafungwaga, maze nawe aza gufungurwa na Minisitiri w'abatutsi, nk'uko IJAMBO ryabivuze. Akaba

ari mwene SEFU na nyina w'umututsikazi batuye ku Gisenyi.

3. MOHAMEDI Sefu, umusaza udakunze kwigaragaza, ukomoka ku babyeyi b'mvange hutu + tutsi = hutu. Nyina ni umututsikazi, ise akaba yaritabye Imana ari umuhutu, umuhungu we asigara ari umuhutu.
4. Mohamedi OMAR, umuvunjayi ukomeye wigeze gutoroka kubera amafaranga yari yibye ku Gisenyi, aza gutorokera muri Zaire aho yaje gufungirwa, ahava atorotse. Dore ko agarutse Leta yagurishije ibye kugira ngo ihe bene kwibwa barimo CYABAKOBWA na nubu bagifitanye urubanza.

5. Djuma KIBATA bavuga ko yateye Padiri igipande, akaba ari umujyana wabo. Twibutse ko ise wa Muhamedi OMAR witwa Gitama nawe ari umuhanga mu gutera utwatsi (Kuragura) ushaka inzaratsi yanyura kuri Journal « Le matin-Uruyange ».

Twibutse ko icyo kinyamakuru kizamamaza ibitekerezo bya F.P.R., dore ko kivuga ngo Leta yafungiye ibyitso by'inkotanyi ubusa. Abo bene kwandika icyo kinyamakuru batijwe inzu na Colonel NGAYINTERANYA, nawe uvugwaho byinshi muri iki gihe.

Yari Conseiller SIBO.

## LA DIASPORA RWANDAISE DANS LE DESARROI.

Kinshasa. Hôtel Intercontinental, samedi 30 mars 1991 à 17 h. Le rideau est tombé le matin sur les travaux de la conférence de l'UNESCO sur l'environnement. Les délégués ont bouclé leurs valises et sortent des ascenseurs en compagnie des visiteuses qui emportent le butin dans des jolis sacs à main. Dans ce méli-mélo, une jolie figure, avec un paquet cadeau me frappe particulièrement. Remarquant mon ébahissement, un ami malien, expert de l'UNESCO, qui la connaît bien, me dit qu'elle est rwandaise. Il précise même : c'est une «inkotanyi». Car deux jours avant l'attaque de votre pays, elle était chez vous, après 25 ans sans y mettre le pieds!

Pourquoi est-elle si pressée avec ce joli paquet ? Mon ami me précise encore : elle est en train de préparer une réception en l'honneur de Major KAGAME, celui qui avait signé, la veille, les accords de cessez-le feu avec votre Ministre des Affaires Etrangères BIZIMUNGU Casimir. Mis au parfum de cet événement, il fallait chercher par tous les moyens comment m'y introduire. Car on allait parler certainement des accords de N'Sele !

Dans l'un des corridors de ce superbe hôtel, de jeunes gens maigres et élancés font de va-et-vient, avec désinvolture. Ce sont des membres de la délégation du Front Patriote, attendant l'arrivée de leur chef. Un zaïrois, assis devant une porte trie les invités au banquet. Je m'approche et me présente. Il remarque que je suis rwandais. Aucun problème ! Au moment de passer à côté, un militaire m'interpelle et m'intime l'ordre de ne pas marcher. Derrière lui, des «gentlemen» en costumes noirs. Ils sont eux aussi rwandais et je peux reconnaître déjà GAHIGA et RWAYITARE.

Ils m'avaient remarqué par ma médaille à l'effigie du chef de l'Etat, et je compris tout de suite que j'étais indésirable. Sans mot dire, tremblant de

peur, je saute dans le véhicule d'un pasteur rwandais et cours à l'Ambassade. Le respectable bâtiment de la Gombe abrite les bureaux et la résidence d'un fonctionnaire de l'Ambassade. Après avoir raconté ma mésaventure, je demande si l'on ne connaît pas un journaliste zairois (ici ils sont très respectés et s'introduisent partout) pour assister au banquet et écouter à ma place ! Rien et Adios d'écoute !

Ambassadeur NYILINKINDI, paraît-il, avait horreur des journalistes. Un style qui va sans doute changer avec le nouvel Ambassadeur, SENGEGERA, ancien journaliste. Il comprendra mieux cette guerre nous ayant servi de leçon que les contacts avec les journalistes servent toujours à quelque chose.

Car, si à Kinshasa, on ne contactait pas les journalistes, les Inkotanyi eux, avaient tout fait pour avoir leur faveur. Par exemple le journaliste L.B.O. avait toute une documentation inédite sur le Rwanda et le F.P.R. Il avait reçu, au cours des dîners, l'invitation à venir à Kigali le 10 octobre 1990, pour festoyer. Les «inkotanyi» de Kinshasa croyaient tellement en la victoire. Et certains se sont ruinés tel ce commerçant de Limete dont le magasin s'est vidé comme par enchantement, dit-on pour soutenir cette guerre. Le journaliste A.K. lui, avait été invité à Nyabwishongezi et s'y est rendu aux frais de la compagnie. C'est ce même journaliste qui m'a montré la maison de MAJYAMBERE Silas. Une coquette villa au carrefour de l'IPN à Ngaliema, non loin de la résidence de l'Ambassadeur du Rwanda. On raconte que le propriétaire de la maison n'en revenait pas quand MAJYAMBERE, en novembre, à débarqué de ces taxis tronés de Kinshasa pour payer cash 300.000 dollars ! On aurait crié au voleurs si une énorme Mercedes noire de RWAYITARE n'était pas venue le chercher !

Que disent les zaïrois authentiques de ces «zaïrwa» (zaïro-rwandais),

comme on les appelle. Le journaliste TSCHIDIBI, du journal l'Analyste a écrit un article sur BISENGIMANA, qui est né quelque part à Butare. C'était s'attaquer à un Monstre sacré. Celui qu'on qualifie de «Zombi» (le Revenant), puisque, semble-t-il, l'origine de son immense fortune serait qu'il s'était fait passer pour décédé afin que l'assurance paie à sa femme. Et les primes ont été effectivement versés ! Il a gagné le procès, récusant ainsi l'origine rwandaise. Mais, même si actuellement il est à centimètre de la tombe, comme son immense maison à Mbinza sur le point de s'écrouler (à cause de l'érosion) dans la rivière Makelele, on ne manquera pas d'en parler dans la conférence nationale ! Tout comme on ne manquera pas de parler du richissime RWAYITARE, patron d'un riche compagnie de Téléphonie Cellulaire, et bien sûr de BAHIGA (zaïrwa) aussi, représentant des sociétés américaines de construction automobile qui étaient leurs véhicules dans les immenses hangars de Kisangani, dans la zone de N'djiri.

Les journalistes qui côtoyaient ces magnats sont unanimes pour reconnaître que leurs soutiens moral et financier ont été utiles aux «inkotanyi» dans cette guerre. C'est ainsi qu'ils ont tenu à réunir la communauté tutsi de Kinshasa, au Palais du Peuple le 20 février, pour leur communiquer la mort de RWIGEMA, et leurs lancer ce mot d'ordre : «restez unis, partout et en toutes circonstances» ! Dans cette soirée, étaient conviés tous les blancs, sympathisants du Front. Il y avait des groupes de danse Intore, et des jolies filles pour perenniser la culture «tutsi». Dans les ibyivugo, ils disaient notamment : «Ndi Inkotanyi itagira ubwoba. Nagiye mu Rwanda, mpuye n'ibihutu bitatu ndabitikura. Ndi umuhungu» ! Au suivant ! On raconte qu'en prononçant le mot RWIGEMA, l'assistance a pleuré à chaude larme. Elle cherchera une autre occasion pour pleurer le défaite militaire des inkotanyi.

Quant aux magnats «zaïrwa» de Kinshasa, ils doivent actuellement avoir

KA02 1335

KA021335

des préoccupations aussi sérieuses. Car, dans le multipartisme, ils ne sont pas aussi sûr de garder leurs avantages. Et les zairois qui s'insurgent contre le fait de jouer à l'autruche, de jouer la politique zairoise et rwandaise en même temps, la double nationalité, le pillage de leurs richesses, etc. Certains leaders politiques en ont fait leur cheval de bataille. D'autres, même de basse catégorie, se sont mal conduits également, refusant l'intégration.

Décidément, le multipartisme ne leurs apportera pas que du bien. Le diaspora rwandaise en général, tutsi en particulier, aura bien des soucis. Au Zaïre, les choses seront plus claires, au Burundi, les tutsi, avec le multipartisme, vont perdre les priviléges, en Uganda, les Abanyenbole perdront absolument le pouvoir. Tout de raisons qui devraient leur recommander le changement de comportement.

Voici la lettre (integrale) que les tutsi de souche rwandaise : UGIRASHEBUJA Stanislas, BAZIGA Pierre, GATERA Ambroise et NKOROTA Jean Baptiste, ont écrit au Secrétaire Général de l'Organisation des Nations Unies, le 21 juin 1981. Avec une copie au Secrétaire Général de l'organisation de l'Unité Africaine (OUA).

Monsieur le Secrétaire Général de l'ONU, C'est avec une vive émotion et profonde inquiétude que nous avons l'honneur de vous faire part de notre situation en République du Zaïre, que nous considérons comme notre partie de fait et de droit.

En effet, sur le plan historique, le Roi RWABUGIRI avait conquis les zones de Goma, Rutshuru, Walikare, Masisi, Kalehe et Idjwi, dans les Sous-Régions du Sud et du Nord Kivu. Cette conquête a permis aux ressortissants du royaume du Rwanda de s'installer dans les zones conquises. L'explosion démographique qui s'en est suivie fait qu'aujourd'hui, nous sommes plus de deux millions d'habitants dans différentes zones.

Grâce à notre influence grandiose dans le pays, certains de nos compatriotes occupent des postes de première importance. C'est ainsi que, suite au soutien personnel de Son Excellence MOBUTU Sese Seko, à cette époque là, une loi sur la nationalité globale fut promulguée en 1972 et qui nous reconnaissait le droit à la citoyenneté zairoise.

Au fur et à mesure que l'opposition zairoise à nos intérêts et à notre influence s'organisait à l'intérieur du pays, nous croyions toujours aux promesses du Général MOBUTU de sauvegarder nos intérêts. Hélas, c'est avec une profonde indignation que nous nous faisons part d'une décision d'Etat, qui a force de loi dans ce pays anarchique, du Comité Central du Parti Unique, le Mouvement Populaire de la Révolution, prise en date du 8 juin 1981 et qui abroge purement et simplement la loi de 1972 qui nous reconnaissait, d'une manière collective, la Nationalité zairoise.

Nous nous opposons donc, avec force, à la procédure individuelle de demande de petite ou grande naturalisation décidée par les membres du Comité Central du MPR. Cette situation est inadmissible pour tout peuple qui était déjà intégré dans la grande famille des 26.000.000 de zairois. Il est inutile de vous dire que nous représentons toutes les catégories sociales jusque dans la plus haute institution du pays qui est précisément le fameux comité central du MPR. Voilà les contradictions qui existent dans ce pays.

Aussi, avons-nous pris les précautions de consulter son Excellence le Président Juvénal HABYARIMANA, de la République Rwandaise, qui reconnaît la justesse de notre cause, et l'opinion de la presse internationale, afin que notre démarche ne soit pas étouffée par le Président de la République du Zaïre.

Monsieur le Secrétaire Général des Nations Unies, nous nous permettons de rappeler à notre haute intention les

dispositions de la Déclaration Universelle des Droits de l'Homme garantie par les Nations Unies. [Nous n'acceptons pas d'être déponnés de la Nationalité zairoise à laquelle nous avons droit depuis 1972.

C'est la raison pour laquelle nous vous demandons d'intervenir auprès du Gouvernement zairois, pour que, en accord avec les populations du Kivu, l'auto détermination soit organisée dans les zones de Goma, Rutshuru, Walikare, Masisi, Kalehe et Idjwi, qui après ce référendum sous l'égide des Nations Unies et de l'Organisation de l'Unité Africaine, constituera un Etat à part qui aura à solliciter sa reconnaissance internationale. Il ne s'agit pas d'une aventure ou d'une subversion, mais bien d'une mobilisation générale des populations originaires du Rwanda en République du Zaïre qui sensibilisent les autorités internationales sur leur légitime cause, quelles que soient les conséquences qui en découleront.

Pour que les autorités zairoises ne l'ignorent pas, nous avons adressé copie de la présente au Secrétaire Permanent du Comité Central du MPR à Kinshasa.

En vous remerciant de ce que vous voudrez bien faire pour la sauvegarde de l'Humanité, Veuillez agréer, Monsieur le Secrétaire Général des Nations Unies, l'expression de notre considération.

Pour les populations originaires du Rwanda au Zaïre,

Sé/ 1<sup>o</sup> UGIRASHEBUJA Stanislas  
3<sup>o</sup> GATERA Ambroise

2<sup>o</sup> GAHIGA Pierre  
4<sup>o</sup> NKOROTA Jean Baptiste.

c/o Evêché de Goma  
République du Zaïre.

*Envoyé spécial de KANGURA  
à Kinshasa*

KA02 1336

# ESE KOKO TWAGIRAMUNGU FAUSTIN WARIGISHIJE UMUTUNGO WA STIR KU BURYO BUGARAGARA NIWE WIFUZA KUBA UMUNYAPOLITIKI MU RWANDA RW'AMASHYAKA MENSHI?

Abaturage, ndavuga abanyarwanda bose, bagomba kugira icyo bamenya kubahwiwisa cyangwa kubihwiwisa ku mashyaka atangiye kwigaragaza. Mu gihe tugezemo, Ighugu gikeneye abanyarwanda bakitangira, bakareba inyungu za bensi (rubanda rugufi) aho guharanira izabo bwite. Nicyo gituma abantu bari mu mashyaka aya n'aya, bakaba bayafitemo uruhare runini, ku buryo ndetse bashobora no kwiyamariza imyanya ikomeye bagomba kumenya n'abo bashobora kuzayobora. Abo bantu bagomba kumenyekana mu mibereho yabo ya buri munsi, nuko bakoreye Ighugu. Muri ibyo bintu byombi, rubanda izahamenyera niba kanaka wiyamamarie kumuyobora asite amateka meza, agaragaza ko buri gihe a hora asite urukundo rw'Ighugu n'umuhate wo kuzamura rubanda rugufi. Na none kandi birashoboka ko muri iyo mibereho ya buri munsi, no muri uko gukorera Ighugu, hagaragara ko nyirabyo atazi gucunga neza ibyuranda, cyangwa ko atigera agaragaza urukundo agirira urwamubyaye.

Ni muri urwo rwego tugiye kureba imikorere ya TWAGIRAMUNGU Faustin wananiwe gucunga neza umutungo wa STIR (Société des Transports Internationaux au Rwanda). Mu by'ukuri, hanze aha amagambo aracicikana ko uwo Faustin warangije kuba umurwanashyaka wa MDR ashobora kuziyamariza umwanya ukomeye. Turibaza rero niba yabisobora, kuko abamuza neza bavuga ko ari mu basite a kamiya, gatubutse, ariko ibantu by'ubuyobozi bikaba byaramwihihe. Si iyo rero ubwo buyobozi burimo amafaranga y'abandi! Ayasahura atabitayeho. None se ko Ighugu kiba kirimo byinshi bigomba gucunga neza kandi akaba ari iby'abandi (rubanda uvanyemo Faustin), amaherezo aho azaba anogege bensi mu mpande zose z'Ighugu?

## FAUSTIN MURI STIR

Iyo witegeree imicungire y'umutungo wa STIR ku bwa Faustin, ukayisengura neza, usanga igihe cyose harabonekaga «trou» -yo kurya ibiceri itarahitaga ubusa, ahubwo yaba yabuze igacukurwa ku ngufu. Dore STIR ifite ibycaro mu Rwanda no-mu mahanga, hakaba n'aho igira abayigararira. Ibyo bigatuma ikoresha amafaranga y'u Rwanda n'y'ama hanga. Dufashe urugero rw'ukuntu STIR yagiye igura amashiringi ya Kenya yagombaga kobereza muri Agences STIR ziri muri

Kenya kuva muw'i 1984 kugeza muw'i 1987, dusanga hari amafaranga asite agaciro k'amanyarwanda 86.663.768 adafite ibisobanuro by'impamvu-yoherejwe. Kuva muw'i 1985 kugera muw'i 1986, yahombye muri rusange miliyoni 461 z'amanyarwanda. Icyo gihombo gitera kwibaza, kuko cyabaye mu gihe STIR ari yo yari ifite ububasha yonyine bwo gatwara imizigo, kandi buri kamyo igatanga - amafaranga 2.000 y'uburenganzira bwo gupakira. Icyo gihe STIR yari ifite imizigo myinshi iva cyangwa iyya mu mahanga. Mbere y'i 1985, urugendo Kigali - Mombasa, rware 14.500 Frw/tone, STIR ika habonera 10% y'ubutumwa. Guhera muw'i 1985 kugera muw'i 1986, ha giye hatangwa 18.940 Frw, STIR ikabonaho 5%. Muri iyo gite STIR yari ifite amamodoka menshi, kandi mashya. Amakamyo 130 n'ibyana (remonques) bigera ku 150, bigakubitiraho ko hari mu gihe abanyarwanda batwara imizigo hari bataraba bensi, ka ndi aho yahaga ikiraka yaba tagaho amafaranga arenga 30% y'ubutumwa aho kuba 5% yemewe n'amategeko.

Ingeroni nyinshi zerekana ukuntu muri icyo gihe STIR yari mu bihe byiza byo kwinjiza amafaranga. Nyamara nibwo STIR yagize ibibazo bikomeye mu icungamazi ne kutabasha kwishyura abikorezi. Ni-muri iyo gihe STIR yagize igihombo kinini kandi giteye isoni ku buryo impapuro zimwe na zimwe z'baruramari zangiye zirigiswa kugira ngo kigabanuke, ariko bikanga. STIR, sosiye komeye, izwi cyane, muri icyo gihe yabonaga amafaranga menshi, nibwo yatanze «chèques sans provision». Amahano nk'ayo yakozwe ku bwa Faustin. Muri ubwo buri manga nya, niho hagaragara urukundo rw'ubucancuro (mercenariat), kuko ibiciro bihanitse byose isosiyete yahabwaga atigeze agaraga za ubushake bwo gucishiriza ngo bigabanuke. Ubwo buryo bukerakana ko hari ikintu kihishe inyuma y'ibyo biciro, kuko mu mafaranga miliyoni 809 STIR yagombaga gusarura mu gihe cy'ubuyobozi bwa Faustin itayabonye kubera bya biciro bihanitse byerekana imbabazi nte agirira umutungo wa rubanda. Niba izo miliyoni 809 atara ziri yeho, STIR yazibuze kubera uburangare bwe. Birumvikana rero ko u Rwanda rw'amashyaka menshi, rudakenye indangare. Ighugu cyazazikama mu rwobo kitazivamo.

Mu byerekeye icyo nise «uburangare» hagaragara ko STIR ya Faustin hari abikorezi yarihaga ku buryo burenze uko

abo bikorezi babaga bafagitiye. Urugero rufatika ruboneka kuri H.H. ABDI, na KENATKO. Abamusimbuye barabihamya, kuko impapuro zabyerekanye ndetse bakage reka ho ko hari n'abikorezi b'abanyarwanda bishyurwaga inshuro zirenze imwe ku mizigo imwe. Niba ibyo atabizi, niyihanganire kumenya ko byakozwe n'abakozi yariashinzwe kuyobora no kumenya imikorere yabo.

## IBYO STIR YAZIZE KU BWA FAUSTIN

1. Icunga ry'abakozi ribi no kutagira akazi ga fututse: Kutikira ubutegetsi ntibisobanura kudakurikirana inyungu z'umuryango. Faustin yashatse gukora «décentralisation des pouvoirs» bimwiba giza ko agomba guharanira inyungu za STIR. Byerekana nuko yabaye nk'ahoahaye abakozi batari bake uburenganzira bwo gusinyira amasezerano STIR igomba kubahiriza hamwe n'abandi bantu cyangwa indi miryango. Rimwe na rimwe ibyo bikaba Direction Générale itabizi. Aho niho hagine havuka ikibazo cy'imizigo imwe vishyurwaga inshuro zirenze imwe. Kuvuga ko ibyo bintu atari abizi nta wabihamya.
2. Kutagenzura ibiciro, kutishyura abikorezi bamwe na bamwe no kutagira igenzura ry'ibikorwa by'ibaruramari y'umuryango. Ibyo bintu uko ari bitatu biri mu mpamvu zatumye nyuma yo kunyagwa kwa Faustin, kuko ariko ibantu byashyizwe ahagaragara, umujyi wa Kigali usakuza ngo STIR igiye gufunga imiryango. Cyakora ni uko habaye ah'abagabo, naho ubundi urebye aho yari isizwe, kuba itarafunzwe biratangaje.
3. Amamodoka ntiyacunze neza: ibyo bintu bijyana n'icunga ribi ry'abakozi. Kuko ku butegetsi bwa Faustin, niho hagaragaye muri STIR abashoferi bakutuye mu Mayeri ahanitse yo kwiba, umuyobozi wabo akaba yari azi ko ubujura mu bashoferi buriho, ariko a gahe ra mu «busingizi» - aho guhagurukira kubacyaha. Dore imodoka bayambikaga amapine mashya igiye i Mombasa, derevu akayiyakiza itararenga i Kigali, akayambika ay'imisazirwa, nayo yatoraguwe mu igaraji rya STIR, yagera ku cyicaro cya STIR Mombasa akavuga ko imipira isha je maze bakamukoma indi. Icyo iyo

## AHO BIGEZE ABO KAMEYA YITA ABAKIGA BATEYE AGAHINDA

Inyandiko yarasakaye ivuga ko muri ELECTROGAZ hakoreshejwe ibizamini kugira ngo babone abo birukana! Njiye nifuzaga kubanza kwibariza. KAMEYA niba bene ibyc bizami ari ubwa mbere abyumvise. Ntambesheko amaze imyaka itatu gusa avutse, kuko nabonye ku ifoto yashiyize ku kinyamakuru cye atari uwejo. Kandi n'iyo yaba afite imyaka itatu, nta kuntu yaba azi kwandika, kandi yandike amatiku nk'ayo twabonye mu kinyamakuru cye. Tutagiye kure, aha ndashaka kuvuga ko ibizami nk'ibyo byakoreshejwe muri MINITRANSO hafi ya ELECTROGAZ, hashize imyaka ibiri cyangwa itatu. Ubwo se KAMEYA ntiyabimene, cyangwa ni uko iyo Minisiteri yategekwaga na NTAGERURA utari umunyaruhengeri, cyangwa umunyagisenyi, ngo bishyirwe mu majwi. Hari n'ahandi henshi hazwi, haba mu bigo byigenga, ibigengwa na Leta, ndetse na Minisiteri ibintu nk'ibyo byakozwe. Nafashe urugero rwa hafi, kandi rumwe, kuko KAMEYA nawe yavuze hamwe, kandi ahakozwe nk'ibyo ubu ari henshi, kandi hamwe abakozi birukanywe nta kizami gikozwe, ndetse baranagisabye barakibima. Ese

KAMEYA ko mbona nawe uri mubahagurukiye gutteranya abahutu, ubwo urwobo ushaka kurohamo imbaga nyamwinshi ukeka ko itarureba? Ubwo se ibyo ukotanira ntibigaragara? Hari aho udukinze se? Umva, sindi umukiga kandi nta n'icyo mbasaba, nizeyo gusa birampagije, arik aho bigeze ndareba ngasanga abakiga bateye agahinda! Nawe se, ko mbona abandi bahutu basa n'aho babahaye akato, bashvira imbere amakosa yabo n'atari amakosa bakayagira yo, kandi atari bo bonyine bakosa muri iki gihugu, yemwe si nabo bakora amakosa aruta ay'abandi bakora, cyangwa se bakoze? Ese ko mbona mwahubukiye kubasebya no kubasibira amayira, nka buriya MRND idutunguye, ko tutazi ibanga ry'ayo, ntiyamamaze umukiga, ahubwo ikamamaza tuvuge nka NSANZIMANA ko nawe yemereye mu ruhame ko azaguma muri MRND, mwazabyifatamo mute? Uretse se itiku ry'abatebo rikomoka ku nzangano zimirango, kuwahoze ari Perefe NKERAMUGABA (uva inda imwe na NSANZIMANA) na Superef DANIYELL (uva inda imwe na NZAMURAMBAHO wakamiwe na

MRND nonc ubu igicuba yamuhyae akaba ariyo agenda asomya kuri rubanda ngo arakangurira MDR na PSD), uriya musaza w'inraribonye ko ari inyangamugavo, mukeka ko ubusembwa mumugerekaho mu IJAMBO hari icyo muzahindura ku cyizere tumusitiye? Ubwo se mwaba mwaratereye iki igihe cyanyu, mutaretse no kuba mwariyandaritse mwandika amateshwa nk'ayo mwahagurukiye kwandika! Ko mwese muri bene wacu, mwaretse gucagagurana nk'uko tu byitirira abakiga, ibya kera tu kabiharira igihe cyabyo, iby'ubu bigatuma twunga ubumwe n'abahandi duharanira kurengera rubanda nyamwinshi, tugakotanira gutsindira muri demokarasi! Njiye ndareba ngasanga icyangombwa ari ugushyira hamwe uwasheje agakosorwa mu kinyabupfura kuko niba ari na MDR mus ha ka k wa mama za, nta we uzayijyamo huzuyemo amatiku angana atyo! Ishyaka dukeneye ni iritubumba, tukubaka mu mutekano uzira umugayo.

**Umusomyi wa Rwandarushya muri ELECTROGAZ.**

### URUHISHO RWACU.

Ejo bundi numvise abasore baganira, bashimira CROIX-ROUGE, ngira ngo barayishimira umunsi mukuru yizihije ku itarikiya 8 Gicurasi. Bvahe se! Ubanza batari banazi ko uwo munsi ubaho! Ahubwo, abo basore, ni bamwe mu bari barafungiwe ubukotanyi, bamerutse kurekura ikivunge. Icyo bayishimira rero, ngo ni akantu CROIX-ROUGE yahishiye!

Uwo muryango ngo wubahirije «Ikiremwamuntu», wiyemeza kujva ubagezaho inoti zibihumbi icumi buri kwezi! Ni akayabo da! Nuko banga ko byamenyekana, naho ubundi «Abatangampundu» bahimbiye animasiyo yo gushimira uwo muryango w'abagiraneza.

Rédaction

### Ibilurikira urup. 18

nayo yacirwaga kirumvikana. Ibyuma bishya by'amamodoka ya STIR ni uko byagenzwaga. Bigakorwa n'abashoferi cyangwa abakanishi. Nta kuntu ubwo bujura Faustin yaba ataria abuzi. Ahubwo binyibutsa umusirikari mukuru wigeze kujva yambutsa lisansi ayivana ku Gisenyi ayijyana kuri Goma mw'i jipe ya gisirikari. Noneho undi musirikari wo mu rwego rwa ba S/officers yabona shebuja yambukiye hepfo, nawe agafata «Benz 911» akayipakira ingunguru za lisansi n'abanyururu akabyambukana kuri Goma acive ruguru. Officier na S/officer bagahurira ku muguzi umwe. Uwa mbere akabwira uwa kabiri ati: «koko ugire kuba waje mu ikamyo, uzane n'abanvururu»? S/officer wawe ati: «uzakore raporonkore indi». Ubwo habura urega undi. Hagati ya Faustin n'abakozi be rero habuze urega undi.

Muwi 1987, nibwo Faustin yaserewere muri STIR, biba ngombwa ko abanza gutambagizwa «1930». Amakosa ye muri STIR niyo yamuheshega ubwo burenganzira. Kugeza ubu umuzigo yikoreye wabashije kubonwa n'amaso, akaba yarawunyereje muri STIR, ukabakaba miliyoni 600. Nibarero haria bantu amashyaka menshi azishyuza, nya buneka muramenze Faustin ntazibagirane! Ayo yifunze ashobora kuvamo inganda zigera kuri 60, kandi zahesha akazi abanyarwanda batari bake. Niba koko aharanira icyateza abanyarwanda imbere nta buryarya, ruhanda nta kindi imusaba. Nayisubize ibyayo, maze ibindi bizakurikiraho. Naho ubundi abafaransa baragira bat: «qui vole un œuf, voie un œuf!».


**NGEZE Hassan.**

KA021555

KA02 1338



MUSEVENI, POURQUOI  
NE RESPECTEZ-VOUS  
PAS MES DROITS ?  
  
MUSEVENI, DON'T KILL  
(SLAY) ME  
PLEASE!

 Rashidi Ayub.